1-Kuba byemewe (Mubah).

2- Kuba isukuye.

3- Kuba gisukuye.

4- Kuba atari igufwa cyangwa amase.

5- Kutaba bikoze hifashishijwe ikintu cyubahwa; nko impapuro zirimo izina rya Allah Nyirubutagatifu.

Biremewe kugarukira ku kwisukuka ibitari amazi igihe umaze kwihagarika no kwituma cyeretse hubahirijwe ibintu bibiri:

1- Ibisohoka ntibigomba kurenga aho bisanzwe bigera.

2- Kuba kwisukuka amabuye kibe byibuze amabuye atatu asukura ahavuye umwanda neza, cyangwa menshi kurushaho.

Icyamba gatandatu: Amategeko y'Udhu:

Isuku (Udhu) iba itegeko ku bikorwa by'ibadah bitatu:

1- Iswala iyo ari yo yose yaba iy'itegeko cyangwa iy'umugereka.

2- Gufata umus'hafu (Qur'an).

3- Gukora umuzenguruko (Twawaaf).

Ibisabwa bya kwisukura (Udhu):

1- Ubuyisilamu.

2- Ubwenge.

3- Kuba aciye akenge akuze.

4- Kugira umugambi (Niyat): Igitumbi cyawo ni mu mutima, kandi kuyivuga ku rurimi ni ubushya mu idini (Bid'ah). Kandi umuntu wese ushaka Kwisukura (Udhu) aba yagambiriye mu mutima.

Naho gukaraba ingingo umuntu atawaza ku mugambi wo gukonjesha cyangwa gushaka isuku; ntibiba ari ugutawaza.

5- Gukomeza gukurikiza itegeko ryayo: Nuko atagambiriye kuyicikaho kugeza arangije isuku ye.

6- Guhagarara k'impamvu isaba gutawaza. Bivanyweho ni: ufite uburwayi bw'inkari zidahagarara, n'umugore ubonye ariya maraso y'uburwayi.

7- Kwisukuza amazi cyangwa se kwisukuza ibitari amazi mbere yacyo, ku muntu wasohotse inkari cyangwa amabyi.

8- Isuku y'amazi yo kwikuraho umwanda, kandi kuyakoresha biremewe.

9- Kwikuraho ikintu cyose kibuzza amazi kugera ku ruhu rw'umubiri.

10- Kuba igihe cyo gusali cyageze ku muntu ufite hadathi ihoraho.

Iby'itegeko mu kwisukura (udhu):

1- Gukaraba uburanga ari naho hashamikiye kujuguta amazi mu kanwa no kuyashoreza mu zuru.

2- Gukaraba amaboko yombi kugeza mu nkokora.

3- Guhanagura umutwe wose, hashamikiyeho no guhanagura amatwi yombi.

4- Gukaraba ibirenge byombi ugeza ku tubumbankore.

5- Gukurikiranya ibihimba byo gutawaza.

6- Kubyungikanya: ntihanyuzwemo igihe kirekire hagati y'ingingo.

Uburyo kwisukura (Udhu) bikorwamo.

1- Kuvuga Bismillah: Ku izina rya Allah.

2- Gukaraba ibiganza byombi inshuro eshatu.

3- Gukaraba uburanga inshuro eshatu, ari naho hashamikiye kujuguta amazi mu kanwa no kuyashoreza mu zuru.

4- Gukaraba amaboko yombi kugeza mu nkokora inshuro eshatu, uhera ku kuboko kw'iburyo hanyuma ugakurikizaho kuboko kw'ibumoso.

5- Guhanagura mu mutwe hamwe n'amatwi yombi.

6- Gukaraba ibirenge byombi ugeza ku tubumbankore inshuro eshatu, duhera ku kirenge cy'iburyo hanyuma tugakurikizaho icy'ibumoso.

Ibyangiza kwisukura (udhu):

1-Gusohokwamo n'ikinyuze muri imwe mu nzira ebyiri (iy'imbere n'iy'inyuma); nk'inkari, amabyi, umusuzi.

2- Ibisohoka biva ku mubiri byanduye kandi by'ubwinshi bukabije.

3- Guta ubwenge kubera ibitotsi cyangwa se ibindi.

4- Gukora ku gitsina, cyangwa se mu kibuno n'intoki nta kizikingiriye.

5- Kurya inyama y'ingamiya.

6- Kuva mu buyisilamu, Allah aturinde twe

n'abayisilamu kubigwamo.

Icya karindwi: Amategeko agenga guhanagura Khofu n'amasogisi:

1- Khofu: ikiyambarwa ku birenge gikoze mu ruhu n'ibindi bimeze nka rwo.

2- Amasogisi : yambarwa ku birenge, aba akoze mu ubwoya cyangwa ipamba n'ibindi nkabyo.

Amabwiriza yo guhanagura ku Khofu n'amasogisi:

1- Kuba yabyambaye nyuma y'isuku yuzuye (Udhu).

2- Gupfuka ibirenge byombi hamwe n'utubombankore.

3- Kuba byombi bisukuye.

4- Kubihanagura mu gihe ntarengwa cyagenwe.

5- Guhanagura amasogisi ni mu gutawaza, si mu kwiyuhagira.

6- Kuba Khofu n'ibindi bimeze nkazo binemewe kuba wabyambara; ariko iyo byaba byanyazwe cyangwa bikoze mu ihariri ku bagabo, ntibyemewe guhanagura kuri byo, kuko ikizira kidatanga ubworoherezwe.

Igihe ntarengwa cyo guhanagura amasogisi.

Ku muntu utari ku rugendo: amanywa n'ijoro; naho uri ku rugendo: iminsi itatu n'amajoro yayo.

Uburyo guhanagura bikorwamo:

Ubanza ugatosa ikiganza mu mazi, maze unyuza ikiganza gitose hejuru y'amasogisi cyangwa za Khofu, uvuye ku mano ugana hasi ku murundi,

inshuro imwe gusa.

Ibyangiza guhanagura ku masogisi na Khofu .

1-Kuba igihe ntarengwa cyo guhanagura cyarangiyeye.

2- Kwiyambura amasogisi yo mu mwenda yombi cyangwa isogisi imwe muri yo.

3- Kugira umwanda munini.

Itegeko rigenga guhanagura ku masogisi akoze mu ruhu (Khufay'ni):

Ni uruhushya, kandi kuyahanagura nibyo byiza kuruta gukuramo Khofu no koza ibirenge; bikurikije uruhushya rwa Allah, no gukurikira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi kwica ukubiri n'abashaka guhanga udushya mu idini.

3- Guhanagura ku mpararizi z'Igufa (ibifata igufa cyangwa ingingo yavunitse), ku mapfuko y'imvune, no ku dufuniko twiyomeka ku mubiri:

Jiba'ir: ni ibyo baboha ku gufa ryavunitse; yaba gipsi cyangwa uduti n'ibindi nkabyo.

Al'asa'ib: ni ibyo baboha ku gisebe, ku bikomere byo gukubitwa, cyangwa ku bushye; byaba imyenda n'ibiyimeze nk'iyoye.

Luswuq: ni igipfuko cy'umuti gishyirwa ku bisebe cyangwa ku mvubure kugira ngo bivurwe.

Itegeko ryo guhanagura kuri yo:

Biremewe: igihe bibaye ngombwa ko igumaho, ariko ntirengere aho bikenewe.

Ntibyemewe: iyo kuyikenera byarangiyeye,

cyangwa igihe kuyikuramo bidatera ingorane cyangwa akaga.

Uburyo guhanagura kuri byo:

akaraba ahakikije ho, kandi akahanaguza ho ku mpande zose, Ntibyemewe guhanagura ibirenze ku gice cyagenewe gutawaza.

Icy a munani: Amategeko abigenga

Tayamum.

Tayamum: Ni guhanagura mu buranga no hejuru y'ibiganza akoresheje itaka, kugamije isuku, ku buryo bwagenwe.

itegeko ryacyo:

Bitegetswe ko umuntu yisukurisha itaka (Tayammum) mu cyimbo cyo gutawaza no kwiyuhagira igihe amazi abuze, cyangwa se atabasha kuyakoresha.

Ubugenge buri mu itegeko ryacyo:

Kwisukura hakoreshejwe igitaka (A-Tayamum) ni kimwe mu byihariye by'abayobokeye b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ntibyari bizwi mu miryango yabanje; ingabire za Allah ku bayobokeye b'uyu muryango ziragutse, kandi ni ineza ye kuri bo.

Ibihe bitegetswemo ko hakorwa kwisukura itaka (Tayamum):

1- Iyo amazi abuze, haba ari aho atuye cyangwa ari mu rugendo, akayashaka ntiyayabona.

2- Iyo afite amazi akeneye ku nywa cyangwa mu

guteka, ku buryo iyo ayakoresheje kwisukura byabangamira ibyo akeneye, akaba atinya ko we ubwe yazahazwa n'inyota, cyangwa ko undi muntu cyangwa itungo ryubahwa ryazahazwa n'inyota.

3- Iyo atinya ko gukoresha amazi mu kwisukura byamugiraho ingaruka mbi ku mubiri we bitewe n'uburwayi bwe, cyangwa bigatuma gukira bitinda.

4- Iyo atabasha gukoresha amazi kubera uburwayi butamwemerera kwinyagambura, kandi nta muntu wo kumutawaza, akaba atinya ko igihe cy'iswala cyamutambukaho.

5-Iyo atinya ubukonje kubera gukoresha amazi, kandi nta cyo abonye cyo kuyashyushya, yisukuza itaka maze agasenga.

UKO KWISUKURA HAKORESHEJWE IGITAKA (A-TAYAMUM) GIKORWA

Uko bikorwa: Akubita ibiganza bye byombi ku butaka atandukanyije intoki, hanyuma agahanagura mu buranga bwe akoresheje imbere y'intoki ze, agahanagura n'ibiganza bye akoresheje imbere yabyo, kandi agakwiza uguhanagura hose mu buranga no ku biganza byombi.

Ibyangiza kwisukuza itaka (Tayamum):

1- Iyo amazi abonetse, iyo isuku y'itaka yari yakozwe kubera ko amazi yaburaga. cyangwa kubasha gukoresha amazi, igihe kwisukura hakoreshejwe igitaka (A-Tayamum) byatewe no kubura ubushobozi bwo gukoresha amazi.

2- Biba imfabusa kubera umwe mu byangiza

isuku y'amazi, cyangwa kubera umwe mu bituma isuku iba itegeko nk'ijanaba (nyuma y'imihango mpuzabitsina, kwirotera), imihango y'igitsinagore, n'ibisanza.

Itegeko ryerekeye umuntu udashobora gukoresha amazi, n'ukwisukuza itaka (Tayammum):

Iyo umuntu abuze amazi n'itaka, cyangwa akagera aho atabasha ko amazi cyangwa itaka bikora ku ruhu rwe, asenga uko abishoboye, nta kwisukura akoresheje amazi, nta no kwisukurisha itaka (Tayammum); kuko Allah adashyiraho umuntu umutwaro urenze ubushobozi bwe. Iyo nyuma yaho amazi n'itaka bibonetse, cyangwa se umuntu akabasha kubikoresha mu kwisukura, ntasubiramo iswala yasaliye; kuko yakoze ibyo yategetswe. Allah aragira ati:

﴿...فَاتَّقُوا اللَّهَ مَا اسْتَطَعْتُمْ...﴾

(Bityo, nimugandukire Allah uko mubishoboye...) [A-Taghabun: 16], No kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«إِذَا أَمَرْتُكُمْ بِأَمْرٍ فَأَتُوا مِنْهُ مَا اسْتَطَعْتُمْ».

"Ibyo nabategetse mujye mukora muri byo ibyo mushoboye"¹.

Icyitonderwa: Iyo yisukuje igitaka kubera ijanaba, hanyuma amazi akaboneka, aba ategetswe

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri nimero (7288), na Muslim kuri nimero (6066).

kwiuhagira.

Icyacyenda: amategeko y'imihango n'ibisanza

Iya mbere: Imihango

Ni amaraso ya kamere y'ibyaremwe, asohoka mu nda ibyara y'umugore mu bihe bizwi. Mu busanzwe imihango imara iminsi itandatu cyangwa irindwi buri kwezi, kandi ishobora kwiyongera cyangwa kugabanuka, Ukwezi k'umugore kuba kurerure cyangwa kugufi; bitewe n'uko Allah yubatse imiterere ye.

amategeko y'imihango

1 - Umugore uri mu mihango ntasenga kandi ntasiba mu gihe cy'imihango ye, kandi gusenga cyangwa gusiba kwe ntibyemewe.

2- Iyo umugore avuye mu mihango yishyura iminsi atasibye, ariko ntabwo yishyura iminsi atasenze.

3- Ntibyemewe kuri we gukora umuzenguruko (Twawaf) kuri Al Kaabat, Kandi ntusome Qur'ani, Ntimukicare mu musigiti. 4- birabujijwe ku mugabo we gukora imibonano mpuza bitsina n'umugore we kugeza igihe amaraso y'imihango ahagaze kuza hanyuma akisukura.

5 - Biremewe kumugabo kuba yakwishimisha n'umugore we mugihe ari mumihango bitari mugitsina; nko gusomana no gukoranaho mwifuzanya n'ibindi bisa n'ibyo.

Ntibyemewe ko umugabo we amuha gatanya ari mu mihango.

Isuku ni ihagarara ry'amaraso; iyo amaraso ahagaze, aba asukuye kandi igihe cy'imihango kiba kirarangiye, bityo uwo mugore agomba kwiyuhagira. hanyuma yongere akore ibyo yari yarabujijwe kubera imihango

N'iyi yabona nyuma yo kuva mu mihango amavangingo yenda kuba umukara cyangwa se ayenda kuba umuhondo, ntabyitaho.

Iya kabiri: ibisanza

Ni amaraso nyababyeyi irekura kubera kubyara no nyuma yo kubyara, akaba ari amaraso yari ari mu nda ibyara kubera gutwita atarigeze asohoka na rimwe.

ibisanza bimeze kimwe n'imihango mu biremewe; nko kwishimisha n'umugore uri mu bisanza bitari mugitsina.

Kandi muri ibibujijwe harimo: gukora imibonano mu gitsina, gusiba no gusenga, gutanga gatanya, gukora umutambagiro mutagatifu, gusoma Qur'an, no kuguma mu musigiti. Kandi ku itegeko ryo kwiyuhagira igihe amaraso ye ahagaze, biba nk'uko bimeze ku mugore w'imihango.

ni itegeko ko yishyura iminsi atasibye ariko ntabwo yishyura iminsi atasenze, nk'umugore uri mu mihango.

Igihe kirekire cyayo ni iminsi mirongo ine, iyo amaraso ahagaze mbere y'iminsi mirongo ine,

ibisanza bye biba byarangiye, akora isuku, agasenga, kandi agakora ibyo yari yarabujijwe kubera ibisanza.

Icyamba kabiri: Iswala:

Icyamba mbere: Amategeko ajyanye n'umuhamagaro umenyeshya ko igihe cy'iswala cyageze (Adhana) n'umenyeshya ko iswala igiye gutangira gukorwa (Iqamat):

Adhana yashyiriweho mu mwaka wa mbere wa Hijra y'Intumwa. Impamvu y'uko byashyizwe mu mategeko ni iyi: ubwo byabagoye kumenya ibihe, bagishanyeye inama yo gushyiraho ikimenyetso cyabyo. Nuko Abdillaha Ibun Zayd (Imana imwishimire) yeretswe uyu adhan mu nzozi, maze Ubutumwa bwahishuwe burabyemeza.

Adhana ni ukumenyeshya ko igihe cy'iswalat cyageze. Iqamat: Ni ukumenyeshya ko Iswala igiye gutangira.

Umuhamagaro umenyeshya ko igihe cy'iswala cyageze (Adhana) n'umenyeshya ko iswala igiye gutangira gukorwa (Iqamat) ni inshingano rusange (Fardu Kifaya) ku mbaga y'abagabo ku iswalat zagenwe n'amategeko. Kandi byombi biri mu bimenyetso bigaragara by'Isilamu, bityo ntibyemewe kubihagarika.

Amabwiriza y'Adhana:

1-Kuba umuhamagazi ari igitsina gabo.

2- Ni ngombwa ko umuhamagaro w'isengesho

(Adhana) utegekanijwe mu murongo wawo usanzwe.

3- Umuhamagaro w'isengesho (Adhana) ukavugwa ukurikirana udacibwamo.

4- Ko umuhamagaro w'isengesho (Adhana) uba nyuma y'uko igihe cyo gusali cyageze. Havanywemo muri ibyo: Adhana ya mbere y'Ifajiri n'iyo yo kuwa gatanu (Idjuma).

Imigenzo myiza ikorwa mu Adhana.

1- Gushyira intoki ze ebyiri mu matwi ye.

2- Umuhamagaro w'isengesho (Adhana) ku ntangiriro y'igihe cyo gusali.

3- Kwerekera iburyo n'ibumoso igihe uri kuvuga (Hayya 'ala-s-Salah) na (Hayya 'ala-l-Falah).

4- Kuba afite ijwi ryiza.

5- Kugitonda mu kuvuga amagambo y'adhan, atayaramburiraho kandi adakurura ijwi birenze urugero.

6- Guhagarara kuri buri nteruro mu byo uri gusoma.

7- Kwerekera aho abayisilamu berekera basali (Qib'lat) mu gihe cyo gutera Adhana.

Adhana igizwe n'amagambo cumi n'eshanu, nk'uko Bilali (Imana imwishimire) yahoraga ayihamagara imbere y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Amagambo agize Adhana:

ALLAHU AKBAR: Imana ni yo nkuru (inshuro enye).

(ASH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH): inshuro ebyiri.

(Ndahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana): inshuro ebyiri.

(Nimuze mugane iswalat): inshuro ebyiri,

(Nimuze mugane intsinzi): Inshuro ebyiri.

Hanyuma akavuga ijambo (ALLAHU AKBAR) inshuro ebyiri.

Hanyuma asoza n'(LA ILAHA ILA LLAH): rimwe.

Kandi mu Al Fadj'ri, nyuma ya 'Hayya 'ala al-falah', akongeraho ati: (Iswala iruta gusinzira) kabiri; Kuko ari igihe akenshi abandira baryamye.

Iqamat igizwe n'interuro cumi n'imwe, ikavugwa byihuse, ni ukuvuga ko uyivuga ayihutisha; kubera ko ari ukumenyeshya abahari bitegurira gusali, bityo nta mpamvu yo kuyitondamo.

Imvugo yayo ni iyi ikurikira:

ALLAHU AKBAR: Imana ni yo nkuru (inshuro ebyiri).

(A-SH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH): rimwe.

(Ndahamya ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana): inshuro imwe.

(Nimuze mugane iswalat): Rimwe.

Nimuze mugane intsinzi: (Inshuro imwe).

(قد قامت الصلاة): Inshuro ebyiri.

ALLAHU AKBAR: Imana ni yo nkuru (inshuro ebyiri).

(LA ILAHA ILA LLAH): incuro imwe.

Byiza ni uko uwumvise adhana asubiramo

amagambo umuhamagazi avuga, usibye kuri (HAYA ALA SWALATI) na (HAYA ALAL FALAH), icyo gihe we aravuga ati: (LA HAWLA WALA QUWATA ILA BILLAH). Hanyuma asabire amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Hanyuma nyuma y'ibyho akavuga ati:

«اللَّهُمَّ رَبِّ هَذِهِ الدَّعْوَةُ التَّامَّةُ، وَالصَّلَاةُ الْقَائِمَةُ، آتِ مُحَمَّدًا الْوَسِيلَةَ وَالْفَضِيلَةَ،
وَابْعَثْهُ مَقَامًا مُحَمَّدًا الَّذِي وَعَدْتَهُ، إِنَّكَ لَا تُخْلِفُ الْوَعْدَ».

“Mana Nyagasani w’uyu muhamagaro utunganye, n’isengesho rigiye gukorwa, ha Muhamadi urwego rwo hejuru rushoboka, n’ibyiza, unamuzamure mu rwego rwubahitse wamusezeranyije, mu kuri ni wowe Mana ntujya wica isezerano”¹.

Akanongeraho amagambo agira ati:

«رَضِيتُ بِاللَّهِ رَبًّا، وَبِالإِسْلَامِ دِينًا، وَبِمُحَمَّدٍ ﷺ نَبِيًّا».

«Nishimiye ko Allah ari we Mana yanjye, na Isilamu ko ari yo dini yanjye, na Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko ari we Ntumwa yanjye»².

Birabujijwe gusohoka mu musigiti nyuma y'adhan nta mpamvu cyangwa atagamije kugaruka.

¹ Umunyacyubahiro Sheikh Abdul Azizi mwene Baz -Imana imugirire impuhwe- muri Majmuu' Fatawa (29/141) yaravuze ati: (Al Bayhaqiy yongeraho, n'uruhererekane rwiza, kuva kuri Jabir, nyuma y'amagambo agira ati: «uwo wamusezeranyije»: «Mu by'ukuri wowe ntiwica isezerano»).

² Yanditswe na A-Tir'midhiy (2635).

Iyo bahuje iswalat ebyiri, bihagije kuba hakorwa Adhana imwe, kandi kuri buri iswalat hakaba Iqamat yayo.

Icya kabiri: Umwanya w'Iswala n'agaciro k'iswala:

Iswalat ni yo nkingi ikomeye kurusha izindi mu nkingi z'Ubuyisilamu nyuma y'ubuhamyanya bubiri, Kandi afite umwanya wihariye, Aho mu ijuru, mu ijoro ry' Al Mi'iradji, niho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaherewe na Allah itegeko ryo gusali, Ibyo bigaragaza ubuhambare bwayo, bigemeza bidasubirwaho ko kuyikora ari itegeko, kandi bikerekana umwanya ifite imbere ya Allah Nyir'ubutagatifu.

No ku byiza byayo no kuba ari ibya ngombwa kuri buri wese ku giti cye, hari imvugo nyinshi z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zabyemeje, Kandi kuba ari itegeko bizwi mu idini ry'Isilamu ku buryo ntakuka.

Na bimwe bigaragaza ko kuba ari itegeko kandi byashimangiwe cyane: imyandiko nyinshi ziva mu gitabo cya Allah no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); muri zo harimo:

1- Ni imvugo ya Allah igira iti:

﴿...إِنَّ الصَّلَاةَ كَانَتْ عَلَى الْمُؤْمِنِينَ كِتَابًا مَّوْقُوتًا﴾

Mu by'ukuri, iswala ku bemera ni itegeko ryashyiriweho igihe kigenwe. [Qur'an 4: 103] Bisobanuye ngo: gitegetswe mu bihe Intumwa

y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasobanuye.

2- No mu yindi mvugo ye aragira ati:

﴿وَمَا أُمِرُوا إِلَّا لِيَعْبُدُوا اللَّهَ مُخْلِصِينَ لَهُ الدِّينَ حُنَفَاءَ وَيُقِيمُوا الصَّلَاةَ...﴾

Kandi (no mu bitabo byabo) nta kindi bari barategetswe kitari ukugaragira Allah, bakaba ari we biyegurira wenyine, bahozaho iswala... [Surat Al Bayyinah: 5]

3- No mu yindi mvugo ye aragira ati:

﴿فَإِنْ تَابُوا وَأَقَامُوا الصَّلَاةَ وَآتَوُا الزَّكَاةَ فَإِخْوَانُكُمْ فِي الدِّينِ...﴾

Nibaramuka bicujije bagahozaho iswala, ndetse bakanatanga amaturu, ubwo bazaba babaye abavandimwe banyu mu idini... [Qur'an 9: 11].

4- Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«إِنَّ بَيْنَ الرَّجُلِ وَبَيْنَ الشَّرْكِ وَالْكَفْرِ تَرْكُ الصَّلَاةِ».

Mu by'ukuri hagati y'umuntu n'ibangikanyamana n'ubuhakanyi ni ukuba yareka iswalat."¹

Hadith yaturutse kwa Buraydat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«الْعَهْدُ الَّذِي بَيْنَنَا وَبَيْنَهُمُ الصَّلَاةُ، فَمَنْ تَرَكَهَا فَقَدْ كَفَرَ».

¹ Yakiriwe na Muslim (82).

"Isezerano riri hagati yacu na bo ni iswala, uzarireka azaba ahakanye."¹

Bemeranyijweho n'abamenyi ko uwahakanye ko kuyikora ari ngombwa aba umuhakanyi. Naho uzayireka ku bw'ubunembwe no kuyitesha agaciro, ibihanye ni uko na we aba mu buhakanyi, kubera Hadith nyayo yabanje, kandi kubera ko Abasahaba bote babyemeranyijeho.

ICYA GATATU: Amabwiriza y'Iswalat:

1- Kuba igihe cyayo cyageze:

Allah aragira ati:

﴿...إِنَّ الصَّلَاةَ كَانَتْ عَلَى الْمُؤْمِنِينَ كِتَابًا مَّوْقُوتًا﴾

Mu by'ukuri, iswala ku bemera ni itegeko ryashyiriweho igihe kigenwe. [Qur'an 4] bisobanura: by'itegeko mu bihe ntarengwa byagenwe.

Ibihe by'Iswala z'itegeko ni ibi bikurikira:

A - Mu rukerera (Al Faj'r): Kuva umuseke utambitse kugeza izuba rirasa.

B- Iswala ya Adhuhur: kuva zawaali y'izuba kugeza igihe igicucu cy'ikintu cyose kiringana n'uburebure bwacyo.

Igisubizo: Iswala ya Al Aswir: guhera irangira ry'igihe cya Iswala ya Adhuhur kugeza igihe izuba rihinduka umuhondo, kandi igihe cy'impamvu

¹ Yakiriwe na A-Tirmidhiy (265), Tirmidhiy yaravuze ati: ((Hassan Swahih Gharib)), na Al Albanii yavuze ko ari impamo mu gitabo Swahih A-Targhiib wa A-Tarhiib.

zidasanzwe ni kugeza izuba rirenze.

D- Iswala ya nimugoroba (Al Magh'rib): kuva izuba rirenze kugeza umutuku wo mu kirere ukazimira.

h- Iswala ya ninjoro (Al Isha'a): kuva igihe cya Al Magh'rib kirangiye kugeza hagati y'ijoro.

2- Guhisha ubwambure:

Ni ibyo bigomba kwikwizwa, kandi kugaragara kwabyo biba bibi, bigatera isoni, Ubwambure bw'umugabo ni hagati y'umukundo n'amavi ye, Umugore umubiri we wose ufatwa nk'ubwambure mu masengesho, usibye uburanga bwe. Agomba guhisha uburanga bwe igihe ari imbere y'abagabo bemerewe kumurongora, ni ukuvuga: atari abo baziririjwe kumurongora.

3- Kwirinda umwanda:

Umwanda: ni umwanda wihariye, ubwoko bwawo bubuza ko isengesho ryemerwa; nk'inkari, amabyi, amaraso n'ibindi, kandi ukaba uboneka ku mubiri, ku hantu hasengerwa, no ku myambaro.

4- Kwerekera ku ngoro ya Al Kaabat i Maka (Qib'lat):

Qiblat ni ingoro ntagatifu ya Allah (Al Kaabat) iri i Makat; yitwa Qiblat kuko abantu bayerekezaho.

Iswalat ntiyemewe idakozwe werekeye aho abayisilamu berekera basali (Qib'la). allah aragira ati:

﴿...وَحَيْثُ مَا كُنْتُمْ فَوَلُّوا وُجُوهَكُمْ شَطْرَهُ...﴾

n'aho muzaba muri hose mujye muwerekazaho uburanga bwanyu [Qur'an 2: 144]

5- Kugira umugambi (Niyat):

Mu rurimi: Ni ukugambirira; naho mu mategeko ya dini: Ni ukwiyemeza gukora igikorwa cyo kwiyegereza Allah Nyir'ubutagatifu. icyicaro cyayo ni mu mutima, bityo ntibikenewe kuyivuga ku rurimi, ahubwo ni bid'a.

Incyi kane: Inkingi z'iswalat:

Ni inkingi cumi n'enye:

Inkingi: Iya mbere: Gusali uhagaze ku muntu ubishoboye:

Kubera imvugo ya Allah igira iti:

﴿...وَقَوْمًا لِلَّهِ قَانِتِينَ﴾

Mujye muhagarara (mu iswala) mwibombaritse imbere ya Allah. [Al Baqarat: 238.] Hadithi yaturutse kwa Imran (Imana imwishimire) yagejejwe kuri Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha):

«صَلِّ قَائِمًا، فَإِنْ لَمْ تَسْتَطِعْ فَقَاعِدًا، فَإِنْ لَمْ تَسْتَطِعْ فَعَلَى جَنْبٍ».

Jya usali uhagaze, nutabishobora wicare, nutabishobora usali uryamiye urubavu.¹

Niba adashoboye guhagarara kuberako arwaye, asenga uko ashoboye, yicaye cyangwa aryamye ku rubavu. Kandi mu bimeze nk'umuntu urwaye

¹ Yakiriwe na Bukhari kuri numero (1117).

harimo: ufite ubwoba, uwambaye ubusa, n'uwukeneye kwicara cyangwa kwegama kubera ivurwa risaba kutahagarara. Kandi nanone usenga inyuma ya Imam usanzwe uyobora iswalat udashoboye guhagarara, ababarirwa kutahagarara; iyo Imam asenze yicaye, abo ayoboye basenga bicaye bakamukurikira. Amasengesho y'imigereka yemerwa kuyakora wicaye n'ubwo waba ushoboye guhagarara, ariko ibihembo ntiba nk'iby'ukora ahagaze.

INKINGI YA KABIRI: Kuvuga ijambo Allahu Akbar (Takbiratul Ihram) mu ntangiriro y'Iswala:

Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«ثُمَّ اسْتَقْبَلِ الْقِبْلَةَ، وَكَبِّرْ».

Hanyuma werekere QIBLAT, maze uvuge ati "Allahu Akbaru" Imana niyo nkuru.¹

Imvugo yayo ni ukuvuga ati: ALLAHU AKBAR, kandi nta yindi mvugo yemewe iyisimbura.

Inkingi ya gatatu: Gusoma Surat Al Fatihat:

Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَا صَلَاةَ لِمَنْ لَمْ يَفْرَأْ بِفَاتِحَةِ الْكِتَابِ».

"Nta swalat y'umuntu utasomye Suratul Fatihat ibanziriza izindi surat muri Qur'an."²

¹ Yakiriwe na Bukhari (6251), na Muslim (884).

² Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (756), na Muslim kuri numero (872).

Inkingi ya kane: Kunama (Ruku'u) muri buri
ruk'aa:
allah aragira ati:

﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا ارْكَعُوا وَاسْجُدُوا...﴾

Yemwe abemeye! Nimwuname, mwubame...
[Qur'an 22: 77]

Urwa gatanu n'urwa gatandatu:

Kunamuka uvuye ruku'u, no guhagarara wemye
nk'uko byari mbere yo kunama, kuko Intumwa
y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)
yahoraga abikora.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro
n'imigisha) na none ibwira uwari usenga nabi mu
isengesho rye iti:

«ثُمَّ ارْفَعْ حَتَّى تَعْتَدِلَ قَائِمًا».

Hanyuma unamuke kugeza uhagaze
ugororotse"¹.

Inkingi ya karindwi: Kubama ku ngingo zirindwi:

Uruhanga hamwe n'izuru, ibiganza byombi,
amavi yombi, n'impera z'ibirenge byombi. Kubera
imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro
n'imigisha) igira iti:

«أَمَرْنَا أَنْ نَسْجُدَ عَلَى سَبْعَةِ أَعْظُمٍ: الْجَبْهَةِ، وَأَشَارَ بِيَدِهِ عَلَى أَنْفِهِ، وَالْكَفَّيْنِ،
وَالرُّكْبَتَيْنِ، وَأَطْرَافِ الْقَدَمَيْنِ».

Twategetswe kubama ku ngingo zirindwi:

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri nimero (793), na Muslim kuri nimero (398).

Agahanga, maze atunga urutoki ku izuru, n'ibiganza byombi, amavi yombi, n'imitwe y'amano."¹

Inkingi ya munani: Kubamuka no kwicara hagati y'ibyubamo bibiri:

Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire):

«كَانَ النَّبِيُّ ﷺ إِذَا رَفَعَ رَأْسَهُ مِنَ السَّجْدَةِ، لَمْ يَسْجُدْ حَتَّى يَسْتَوِيَ جَالِسًا.»

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igihe yazamuraga umutwe wayo avuye mu kubama (Sudjud), ntiyajyaga kubama kugeza yicaye neza."²

Inkingi ya cyenda: Ituze mu nkingi zose:

Kandi ni ugutuza, n'ubwo byaba bike, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabwiye uwasali nabi mu iswala ye ati:

«حَتَّى تَطْمَئِنَّ.»

Kugeza aho ugira ituze ry'umutima"³.

Inkingi ebyiri: icya cumi n'icya cumi na rimwe:

Kuvuga ubuhamya bwa nyuma n'uko kwicaramo: hashingiwe ku hadithi ya Ibn Mas'ud (Imana imwishimire) ivugwa nk'ivuye ku Ntumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha):

«إِذَا صَلَّى أَحَدُكُمْ فَلْيَقُلْ: التَّحِيَّاتُ لِلَّهِ وَالصَّلَوَاتُ وَالطَّيِّبَاتُ، السَّلَامُ عَلَيْكَ»

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (812), na Muslim kuri numero (490).

² Yakiriwe na Muslim (498).

³ Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (724), na Muslim kuri numero (398).

أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللَّهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلَامُ عَلَيْنَا وَعَلَىٰ عِبَادِ اللَّهِ الصَّالِحِينَ، أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ.

Iyo umwe muri mwe asenga, navuge ati: Ibyubahiro byose, amasengesho ndetse n'ibyiza byose ni ibya Allah; amahoro y'Imana, impuhwe zayo n'imigisha yayo bibe kuri wowe yewe ntumwa y'Imana; amahoro y'Imana abe kuri twe, n'abe no ku bagaragu bayo bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi (ALLAH), nkanahamya ko Muhamad ari umugaragu w'Imana ndetse akaba n'Intumwa ye.¹

Inkingi ya cumi n'ibiri: gusabira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu buhamya bwa nyuma:

ko akavuga ati:

«اللَّهُمَّ صَلِّ عَلَى مُحَمَّدٍ».

«Mana Nyagasani hundagaza amahoro kuri Muhamadi»², icyose kiyongeraho kuri ibyo ni umugenzo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Inkingi ya cumi na gatatu: Uko inkingi zikurikirana:

Kuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga abikora mu buryo

¹ Yakiriwe na Al-Bukhariy (797), na Muslim (402).

² Yakiriwe na At-Tirmidhi (839).

butondekanye, Nanone aragira ati:

«صَلُّوا كَمَا رَأَيْتُمُونِي أُصَلِّي».

Mujye musali nkuko mwambonye nsali."¹ Kandi uwakoze nabi mu Iswala ye yabyigiye mu buryo bw'uburikirane akoresheje Hanyuma.

Inkingi ya cumi na kane: Gusozo utora Salamu:

Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«وَحَيْتَامَهَا التَّسْلِيمُ».

Kandi umusozo wayo ni iyi ndamutso (A-salam). No mu yindi mvugo ye aragira ati:

«وَتَحْلِيلُهَا التَّسْلِيمُ».

«kandi gusozwa kwayo ni gutanga salamu»².

Icya gatanu: Ibyangombwa mu Iswalat.

Ni umunani:

1- Kuvuga Takbirat zose (Ijambo Allah Akbar) itari Takbirat itangira Iswala (Takbirat Al Ihram).

2- Kuvuga ijambo: SUB'HANA RABIYAL ADHWIIM: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wanjye Uhambaye." inshuro imwe igihe wunamye (Ruku'u). Ni Sunna kongeraho kugeza ku nshuro eshatu, uyu mubare ukaba ari wo mucye wuzuye. Kugeza ku icumi, kandi icumi ni cyo kiri hejuru.

3- Kuvuga ijambo "SAMI'ALLAHU LIMAN

¹ Yakiriwe na Bukhari, numero (6008).

² Yakiriwe na Bukhari kuri numero (1110).

HAMIDAHU: Allah yumva umusingiza" mu kuzamuka uvuye muri Ruku'u; kuri Imam no ku muntu usali ari wenyine.

4- Kuvuga ijambo: RABANA WA LAKAL HAMDU: Nyagasani wacu ni wowe Nyirugusingizwa, mu gihe uhagaze wemye uvuye muri Ruku'u.

5- Kuvuga ijambo: SUB'HANA RABIYAL A'ALA: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wanjye w'ikirenga." inshuro imwe igihe wubamye (Sujudu). Iyi nyongera ni sunna kugeza ku nshuro eshatu.

6- Kuvuga ijambo: RABI GH'FIR LII: Nyagasani mbabarira, hagati y'ibyubamo bibiri inshuro imwe. Ni Sunna kongera kugeza ku nshuro eshatu.

7- Kuvuga ubuhamya bwa mbere; ari bwo kuvuga ati:

«الَّتَحِيَّاتُ لِلَّهِ، وَالصَّلَوَاتُ وَالطَّيِّبَاتُ، السَّلَامُ عَلَيْكَ أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللَّهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلَامُ عَلَيْنَا وَعَلَىٰ عِبَادِ اللَّهِ الصَّالِحِينَ، أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ».

Indamutso n'amasengesho n'ibyiza byose ni iby'Imana, amahoro y'Imana n'impuhwe n'imigisha byayo bibe kuri wowe yewe ntumwa y'Imana, amahoro y'Imana abe kuri twe no ku bagaragu b'Imana bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi, ndahamya kandi ko Muhamad ari umugaragu wayo akaba n'Intumwa yayo.¹

¹ Yakiriwe na Bukhari, nimero (835).

8- Kwicara uvuga ubuhamya bwa mbere.

Icy a gatandatu: Imigenzo myiza ikorwa mu Iswalat:

Kandi amasunan y'Iswala ntica Iswala iyo aretswe. Birimo ibice bibiri: Imigenzo myiza yo mu mvugo mu iswala, n'imigenzo myiza yo mu ngiro mu iswala.

Irya mbere: Sunnah zo kuvuga (Sunan Qawliyya).

1- Ubusabe ntangiza iswala, bufite amagambo, bumwe muri bwo ni:

«سُبْحَانَكَ اللَّهُمَّ وَيَمْدُكَ، وَتَبَارَكَ اسْمُكَ، وَتَعَالَى جَدُّكَ، وَلَا إِلَهَ غَيْرُكَ».

((ubutagatifu ni ubwawe Mana na buri shimwe rikwiye wowe hakuzwe izina ryawe n'icyubahiro cyawe gihimbazwe nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe Mana))¹.

2- Kwikinga kuri Allah ngo akurinde Shitani wavumwe mbere ya Suratul Fatihat, Ni uku kuvuga: "A-U-'DHUBILLAHI MINA SHAYTWAANI RAJIIMI: Nikinze ku Mana ngo indinde Shitani wavumwe."

3- Kuvuga Bismillah Rahman Rahiim mbere yo gusoma: Ku izina rya Allah Nyirimpuhwe Nyirimbabazi. Ni ukuvuga: "Ku Izina rya Allah Nyir'impuhwe Nyir'imbabazi.

4- Kurenza inshuro imwe mu gusingiza Allah igihe umuntu yunamyeye (Ruku'u) n'igihe umuntu yubamyeye (Sujud).

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (743), na Muslim kuri numero (399).

5- Ibyarenze ku nshuro imwe mu kuvuga ati:

«رَبِّ اغْفِرْ لِي.»

MANA murezi wanjye, mbabarira ibyaha byanjye. Hagati y'ibyubamo bibiri.

6- Kuvuga:

«مَلَأَ السَّمَاوَاتِ، وَمَلَأَ الْأَرْضِ، وَمَلَأَ مَا بَيْنَهُمَا، وَمَلَأَ مَا شِئْتَ مِنْ شَيْءٍ بَعْدُ»

Bingana n'ibyuzuye amajuru n'isi, n'ibiri hagati yabyo, na buri kintu icyo ari cyo cyose ushaka nyuma yaho. Nyuma yo kuvuga:

«رَبَّنَا وَلَكَ الْحَمْدُ.»

RABANA WALAKAL HAMDU: Nyagasani wacu ni wowe ukwiye ikuzo"¹.

7- Gusoma nyuma yo gusoma Surat Al Fatihat.

8- Kuvuga aya magambo:

«اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنْ عَذَابِ جَهَنَّمَ، وَمِنْ عَذَابِ الْقَبْرِ، وَمِنْ فِتْنَةِ الْمَحْيَا وَالْمَمَاتِ، وَمِنْ فِتْنَةِ الْمَسِيحِ الدَّجَالِ.»

Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibihano by'umuriro wa Jahanamu, n'ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo by'ubuzima n'urupfu, n'ibigeragezo bya Masihi Dajal."². N'icyose cyongerwaho kuri ibyo by'ubusabe (iduwa) mu buhamba bwa nyuma.

¹ Yanditswe na A-Tir'midhiy (266).

² Yakiriwe na Muslim (588).

Icya kabiri: Imigenzo myiza yo mu ngiro mu iswala:

1- Kuzamura amaboko yombi ku rwego rw'amatugu cyangwa ku rwego rw'amatwi mu bihe bine:

A- Igihe uvuga Takbiratul Ihram (ALLAH AKBAR).

b- Igihe ugiye kunama (Ruku).

c- Igihe wunamutse (uvuye rukuu).

D- Igihe uhaguruka ujya gukora igice (rakaat) cya gatatu.

2- Gushyira ikiganza cye cy'iburyo hejuru y'icy'ibumoso ku gituzo cye mu gihe ahagaze, mbere yo kunama (Ruku) ndetse na nyuma yo kuva muri Ruku.

3- Kureba aho uri bushyire uruhanga wubama.

4- Gutandukanya amaboko yombi n'imbavu zombi mu gihe yubanye.

5- Gusiga intera hagati y'inda n'ibibero igihe uri mu byubamo bibiri (Saj'datayni).

6- Kwicara inyicaro yitwa (Iftiraash) mu nyicaro zose z'iswala, uretse mu buhamya bwa kabiri mu iswala zigira Raka eshatu n'izigira Raka enye.

7- Ukicarira ikirenge cy'ukuguru kw'imoso, amano y'ukuguru kw'indyo ashinze, mu buhamya bwa nyuma mu isengesho rifite raka eshatu cyangwa raka enye.

Icya karindwi: Uko Iswala ikorwa:

1- Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga iyo ihagurutse ngo isali, yerekera Qiblah, ikazamura amaboko yayo, ibiganza byayo ikabibyerekeza Qiblah, maze ikavuga iti:

«اللَّهُ أَكْبَرُ».

«Allah ni nkwe usumba byose».

2- hanuma agafata ukuboko kwe kw'ibumoso akoresheje ukuboko kwe kw'iburyo, akayashyira ku gituzo cye.

3- Gusoma isengesho ryo gutangira (Istiftah), kandi ntiyajyaga yihambira ku isengesho rimwe gusa ry'itangiriro. Aya magambo yose y'ubusabe bwo gutangira Iswala afitiwe gihamya yizewe yakoreshejwe koko n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni byemewe kuyatangirizaho Iswala, kandi muri yo harimo:

«سُبْحَانَكَ اللَّهُمَّ وَبِحَمْدِكَ، وَتَبَارَكَ اسْمُكَ، وَتَعَالَى جَدُّكَ، وَلَا إِلَهَ غَيْرُكَ».

Ubutagatifu ni ubwawe Mana, na buri shimwe rikwiye wowe; hakuzwe izina ryawe, n'icyubahiro cyawe gihimbazwe, kandi nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse wowe.

4- Hanyuma akavuga ati:

«أَعُوذُ بِاللَّهِ مِنَ الشَّيْطَانِ الرَّجِيمِ، بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ».

Nikinze ku Mana ngo indinde Shitani wavumwe,

ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe Nyirimbabazi.

5- Hanyuma agasoma Surat Al Fatihat, iyo ayisoje akavuga ijambo (AMIINA).

6- Iyo arangije asoma ibimworoheye muri Qur'an, Asoma ku ijwi riranguruye muri Swalat Al Fadj'r, no mu raka'a ebyiri za mbere za Swalat Al Magh'rib na Swalat Al 'Ishaa, Asoma Qur'an yicecekeye mu bindi byose usibye ibyo. Ni umugenzo mwiza w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko raka ya mbere muri buri swalat ayigira ndende kurusha iya kabiri.

7- Hanyuma azamura amaboko ye nk'uko yayazamuye igihe yavugaga Takbiiratul Ihram, Hanyuma akavuga ati: (ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose). Agwa yunamyeye (Rukuu), Agashyira ibiganza bye ku mavi ye atandukanyije intoki, akabihamika neza, akagorora umugongo we, agashyira umutwe we ahateganye n'umugongo we; ntiyawuzamura kandi ntiyawumanura. Akanongeraho amagambo agira ati:

«سُبْحَانَ رَبِّيَ الْعَظِيمِ» مرةً.

SUB'HANA RABIYAL ADHWIIM: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wanjye uhambaye". (inshuro imwe), Nke mu zisabwa: inshuro eshatu, nk'uko byavuzwe mbere.

8- Hanyuma akazamura umutwe agira ati:

«سَمِعَ اللَّهُ لِمَنْ حَمِدَهُ».

SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAHU: Allah yumva umusingije", Kandi arazamura amaboko ye nk'uko ayazamura igihe akora Kunama (Ruku'u).

9- N'iyo ahagaze yemye akavuga ati:

«اللَّهُمَّ رَبَّنَا وَلَكَ الْحَمْدُ، حَمْدًا كَثِيرًا طَيِّبًا مُبَارَكًا فِيهِ، مَلَأَ السَّمَاءَ، وَمَلَأَ الْأَرْضَ، وَمَلَأَ مَا بَيْنَهُمَا، وَمَلَأَ مَا شِئْتَ مِنْ شَيْءٍ بَعْدَ، أَهْلِ الثَّنَاءِ وَالْمَجْدِ، أَحَقُّ مَا قَالَ الْعَبْدُ، وَكَلَّمْنَا لَكَ عَبْدٌ، لَا مَانِعَ لِمَا أَعْظَيْتَ، وَلَا مُعْطِي لِمَا مَنَعْتَ، وَلَا يَنْفَعُ ذَا الْجَدِّ مِنْكَ الْجَدُّ».

((MANA murezi wacu ni wowe ukwiye gushimwa ishimwe ryinshi ryiza ryuje umugisha, ryuzuye amajuru, n'isi, n'ibiri hagati yabyo, kandi ryuzuye icyo ushaka cyose nyuma yabyo. ni wowe ukwiye ishimwe n'ikuzo n'icyubahiro, ayo ni amagambo y'ukuri meza umugaragu agomba kuvuga, kandi MANA twese turi abagaragu bawe, MANA ntawe ushobora kwima uwo wahaye, cyangwa se ngo ahe uwo wimye, ntawe ushobora gutanga ubukire n'icyubahiro kubera ko byose ari wowe ubigenga MANA)).¹ Yatindaga muri uku guhagarara wemye.

10- Hanyuma akavuga Allahu Akbar maze akubama (Sujud). Kandi ntiyazamura amaboko ye, Akubamira ku gahanga n'izuru, ibiganza bye byombi, amavi ye yombi, n'ibikumwe by'amano ye. Kandi akerekeza intoki z'ibiganza bye n'udutoki

¹ Yakiriwe na Abu Dawud, nimeru (5168).

tw'ibirenge bye aho abayisilamu berekera basali (Qib'la), Kugororoka mu kubama kwe (Sudjuud), Kandi gutuma agahanga hamwe n'izuru bikora hasi ku butaka, Akishingikiriza ku biganza bye byombi, kandi akazamura inkokora ze. Agatandukanya amaboko ye n'imbavu ze, Kandi inda ntibe ifatanye n'ibibero. Kandi ibibero bye akabibitandukanya n'amaguru ye yo munsu y'ivi, Maze ari mu cyubamo cye akavuga ati:

«سُبْحَانَ رَبِّيَ الْأَعْلَى».

SUB'HANA RABIYAL A'ALA: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wanjye usumba byose. Inshuro imwe, Kandi inshuro eshatu zikaba ari zo nke mu zisabwa, nk'uko byavuzwe mbere, Hanyuma agasaba ubusabe bwavuzwe mu Gitabo cya Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

11- Nyuma azamura umutwe we avuga ati "Allahu Akbar: Imana niyo nkuru". Hanyuma akarambika ikirenge cy'ibumoso, akakicara, agashinga ukw'iburyo. Ashyira amaboko ku bibero bye, yarangiza akavuga ati:

«اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِي، وَارْحَمْنِي، وَاجْبُرْنِي، وَاهْدِنِي، وَارْزُقْنِي».

((Mana Nyagasani mbabarira, ungirire impuhwe, unankomeze, unanyobore inzira igororotse, kandi unampe amafunguro))¹.

¹ Yakiriwe na Tirmidhi (284).

12- Hanyuma akavuga ati Allahu Akbaru akubama, kandi akora raka ya kabiri nk'uko yakoze iya mbere.

13- Hanyuma akazamura umutwe weavuga ati “Allahu Akbar: Imana niyo nkuru”, agahaguruka ku bice byo imbere by'ibirenge bye, yishingikirije ku mavi no ku biberu bye.

14- Akimara guhagarara neza, atangira gusoma Agasali raka ya kabiri nk'uko yakoze iya mbere.

15- Hanyuma akicara uvuga ubuhamya bwa mbere yicariye ukuguru kw'imoso agashinga amano y'ukw'indyo, nk'uko yicara hagati y'ibyubamo bibiri mu buryo bumwe. Kandi ashyira ukuboko kwe kw'iburyo ku kibero cye cy'iburyo, n'ukuboko kwe kw'ibumoso ku kibero cye cy'ibumoso. Na none agashyira urutoki rw'igikumwe rw'ukuboko kw'iburyo ku rwa musumbazose mu buryo bw'impeta. Akatunga imbere urutoki rwa mukubita rukoko, akareba kuri rwo, Akanongeraho amagambo agira ati:

«التَّحِيَّاتُ لِلَّهِ وَالصَّلَوَاتُ وَالطَّيِّبَاتُ، السَّلَامُ عَلَيْكَ أَيُّهَا النَّبِيُّ وَرَحْمَةُ اللَّهِ وَبَرَكَاتُهُ، السَّلَامُ عَلَيْنَا وَعَلَىٰ عِبَادِ اللَّهِ الصَّالِحِينَ، أَشْهَدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ»

“A-TAHİYATU LILLAH, WA SWALAWATU, WA TWAYIBATU, ASALAMU ALAY’KA AYUHA NABIYU WA RAH’MATULLAHI WABARAKATUHU, ASALAMU ALAY’NA WA ALA IBADILAHI

SWALIHINA, ASH'HADU AN LA ILAHA ILA LLAH WAHDAHU LA SHARIKA LAHU, WA ASH'HADU ANA MUHAMADAN AB'DUHU WA RASULUHU." Bisobanuye ngo: Ibyubahiro byose, amasengesho ndetse n'ibyiza byose ni ibya Allah, amahoro n'imigisha n'impuhwe z'Imana bikubeho yewe ntumwa; amahoro y'Imana abe kuri twe no ku bagaragu b'Imana bakora ibyiza. Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi, yonyine kandi nta mugenzi ifite; nkanahamya ko Muhamad ari umugaragu w'Imana ndetse akaba n'Intumwa ye. Kandi yagiraga iyi nyicaro ngufi.

16- Hanyuma arahaguruka avuga Allahu Akbar, agasali igice (rakaat) cya gatatu n'icya kane, akazisali byoroheje kurusha ebyiri za mbere. Asoma muri byo byombi Suratul Fatihat.

17- Hanyuma yicara muri A-Tahiyatu ya nyuma icyicaro cya TAWARUK, Tawaruk ni gusasa ukuguru kw'ibumoso, kukasohokera mu ruhande rw'iburyo, ugashinga ukw'iburyo, kandi ugashyira ikibuno ku butaka.

18- Hanyuma akavuga ubuhamya bwa nyuma, nk'ubuhamya bwa mbere. Akanongeraho amagambo agira ati:

«اللَّهُمَّ صَلِّ عَلَى مُحَمَّدٍ وَعَلَى آلِ مُحَمَّدٍ، كَمَا صَلَّيْتَ عَلَى آلِ إِبْرَاهِيمَ، إِنَّكَ حَمِيدٌ مَجِيدٌ، وَبَارِكْ عَلَى مُحَمَّدٍ وَعَلَى آلِ مُحَمَّدٍ، كَمَا بَارَكْتَ عَلَى آلِ إِبْرَاهِيمَ، إِنَّكَ حَمِيدٌ مَجِيدٌ».

Mana Nyagasani hundagaza amahoro kuri

Muhamadi n'umuryango we, nk'uko wayahaye Ibrahim n'umuryango we. Mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugushimwa Nyir'ikuzo. Unahundagaze imigisha kuri Muhamadi no ku muryango we, nk'uko wayihundagaje kuri Ibrahim n'umuryango we. Mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugushimwa Nyir'ikuzo.

19- Yikinga ku Mana ngo imurinde ibihano by'umuriro wa Jahanamu, n'ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo byo mu buzima n'ibyo mu rupfu, n'ibigeragezo bya Masihi Dadjali. Kandi akavuga ubusabe bwavuzwe muri Qur'an no muri Sunat.

20- Nyuma agahindikira iburyo bwe akavuga ati:

«السَّلَامُ عَلَيْكُمْ وَرَحْمَةُ اللَّهِ.»

A-SALAMU ALAYKUM WA RAHMATULLAH:
Amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri mwe. Kandi ku bumoso bwe na ho uko; Atangira gusuhuza indamutso y'amahoro yerekeje mu cyerekezo twerekera dusali (Qiblah), akayisoza arangije guhindukiza umutwe byuzuye.

Icyamba munani: Ibintu bidakwiye mu Iswala:

- 1- Kureba hirya no hino nta mpamvu.
- 2- Kuzamura amaso mu kirere.
- 3- Gufunga amaso nta mpamvu.
- 4- Kurambika imikono hasi mu gihe wubanye (Sudjud) uri gusali.
- 5- Gupfuka umunwa n'amazuru nta mpamvu.

6- Iswala mu gihe umuntu arwana no kwihagarika cyangwa no kwituma, cyangwa ari imbere y'ibiryo abyifuza.

7- Guhanagura uruhanga n'izuru ibyabifasheho byaturutse ku kubama, kandi nta cyo bitwaye kubikora urangije isengesho.

8- Kwishingikiriza ku rukuta n'ibindi bisa narwo mu gihe uhagaze nta mpamvu.

Icyacyenda: Ibyangiza iswala:

1- Kurya no kunywa.

2- Amagambo atajyanye n'iswala.

3- Guseka no guseka hejuru.

4- Kureka imwe mu nkingi z'iswala cyangwa kimwe mu bikorwa by'itegeko mu iswala ku bushake.

5- Kugambiriya kongeraho inkingi (Rukn) cyangwa Rak'a mu iswala.

6- Gutanga salamu zisoza iswala mbere y'Imam ku bushake.

7- Ibikorwa byinshi bikurikiranye bitari byo mu rwego rw'Iswala bitaratewe n'impamvu.

8- Gukora ikintu gihabanye n'imwe mu bisabwa bya Iswala; nko kwangirika kwa isuku y'amazi (Udhu), no kugaragaza iby'ibanga by'umubiri (Awrah) ku bushake, no guhindukisha umubiri cyane ukava kuri Qibla ku mpamvu itari ngombwa, no guhagarika Niyya.

Icyo cumi: Kubama bikorwa iyo umuntu hari icyo yibagiwe mu iswalat.

Kwibagirwa: ni kutibuka; kandi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yibagiwe mu iswalat, kuko kwibagirwa biri mu kamere muntu. Kandi kwibagirwa kwa Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kwari mu gusohoza ineza ya Allah ku muryango we no mu kuzura idini ryabo, kugira ngo bamwigireho mu byo abashyiriraho amategeko igihe habayeho kwibagirwa.

Impamvu ziteganyirizwa kubama (Sudjud) byo kwibagirwa mu iswalat:

Uburyo bwa mbere:

Kongerera muri Iswala, bikaba ari ukongeraho ibikorwa cyangwa se ukongeraho amagambo:

A- Kongera ibikorwa: Niba icyo yongereye kibarirwa mu bikorwa by'Iswala: nko guhagarara aho kwicara hagenewe, no kwicara aho guhagarara hagenewe, cyangwa se akongeraho kunama (Ruku'u) cyangwa kubama (Sujud); iyo abikoze yibagiwe, akora kubama byo kwibagirwa.

B- Kongeraho amagambo: nko gusoma Qur'an mu gihe cyo kunama (Ruku'u) no kubama (Sudjud)

Iyo akoze ibyho; birashimwa ko akora Kubama bikorwa iyo umuntu hari icyo yibagiwe mu iswalat.

2- Uburyo bwa kabiri:

Kugira icyo ukura mu Iswala ku bwo

kwibagirwa, kandi kiba kimwe mu bintu bibiri:

A- Kureka imwe mu nkingi: Niba iyi nkingi ari Takbirat itangira Iswala (Takbirat Al Ihram), Iswala ye ntiyemerwa, kandi Sujud as-Sahw ntacyo yamumarira. Iyo ari inkingi itari Takbiratul Ihram, nko kunama (Ruku) cyangwa kubama (Sujud), kandi akabyibuka ataratangira gusoma muri Raka'ah ikurikira; agomba gusubirayo, agasohoza iyo nkingi n'ibiyikurikiraho.

Niba abyibutse amaze gutangira gusoma muri raka ikurikira, ya raka yasizemo iyo nkingi ntiyemerwa, kandi raka iyikurikira igahagarara mu mwanya wayo.

B- Kureka kimwe mu bikorwa by'itegeko mu iswala: nko: kwibagirwa ubuhamywa bwa mbere, cyangwa kutavuga Tasbih mu Rukuu'. icyo gihe: akora kubama bikorwa iyo umuntu hari icyo yibagiwe mu iswalat.

3- Uburyo bwa gatatu: Gushidikanya:

Urugero: umuntu nashidikanya mu iswala ya Adhuhur, ntamenya umubare wa raka yasayi niba ari eshatu cyangwa se enye, muri icyo gihe:

1- Naramuka yizeye kimwe kurusha ikindi; agishyira mu bikorwa, kandi akora kubama bikorwa iyo hari icyo yibagiwe mu iswalat.

b- Ko ntacyo yemeje; agendera ku byo yizeye adashidikanyaho, kandi akabama (Sudjud) yo kwibagirwa.

Niba gushidikanya kubaye nyuma y'iswalat,

cyangwa se ari umuntu ukunda gushidikanya kenshi, ntabyitaho, akareka ibyo ashidikanyaho akabishyira ku ruhande.

Inyigisho y'ingenzi: Kubama byo kwibagirwa bikorwa mbere y'uko avuga indamutso y'amahoro isoza iswalat, niba byatewe n'ikibura, cyangwa kubera gushidikanya kandi nta ruhande rwarushije irindi imbaraga kuri we. Kikorera nyuma yo gusuhuza: iyo byatewe no kongeraho, cyangwa se kubera gushidikanya aho yakurikije igihamye, Kuri iyo ngingo, harimo ubwinyagamburiro bwagutse, Imana Nyir'ubutagatifu nibishaka.

Icy a cumi na rimwe: Ibihe bibujijwe gukoramo Iswalat.

Ibanze ni uko byemewe gukorera Iswalat mu bihe byose, Ariko amategeko yabujije gukoramo iswalat mu bihe bimwe, ni ibi bikurikira:

1- Guhera nyuma y'Iswala ya mu gitondo (Al Fajr) kugeza ku kurasa kw'izuba, kandi rikaza kuba ryamaze kurasaho gato ahangana n'umuheto haruguru y'ubutaka nk'uko bigaragarira ijisho.

2- Iyo izuba riri hagati mu kirere kugeza rigiye ku ruhande, kandi ni cyo gihe kigufi kurusha ibindi mu bihe bibujijwe gukoramo Iswalat.

3- Guhera nyuma y'iswalat yo ku gicamunsi (Al Asri) kugeza izuba rirenze, kandi ni cyo gihe kirekire kurusha ibindi mu bihe bibujijwe gukoramo Iswalat.

Iswalat zemererwa gukorwa mu bihe bibujijwe gukoramo Iswalat:

1- Gucyemura ibikorwa by'itegeko byacikwe.

2- Iswalat zishingiye ku mpamvu, nka: Tahiyatul Masjid, rukaa ebyiri za Tawaf, Iswala ya Kusuf, n'Iswala ya Janaza.

3- Gusubiramo Sunnah ya Al Faj'r nyuma ya Swalat Al Faj'ri.

Icya cumi na kabiri: Iswala ikorewe mu mbaga:

Ni ikimenyetso gikomeye mu birango by'Idini ya Islam, kandi ni Iswala ikorewe mu mbaga mu misigiti. Abayisilamu bose bahuriza ko gukora iswalat eshanu mu misigiti ari mu bikorwa byo kumvira Imana bikomeye kandi by'ibanze, kikaba kimwe mu byegereza Imana bihambaye kuruta ibindi; ahubwo ni ikirango gihambaye kurusha ibindi mu birango by'Idini ya Islamu.

1 - Hukumu y'Iswalat ikorewe mu mbaga:

Kandi Iswala ikorewe mu mbaga ni itegeko mu musigiti ku maswala atanu ku bagabo babishoboye. Mu rugendo no mu gihe utari mu rugendo, Mu bihe by'umutekano no mu bihe by'ubwoba, ni itegeko rigomba kubahirizwa na buri wese ku giti cye.

Ibyerekana ko Iswalat ikorewe mu mbaga ari itegeko ni: Kitabu na Sunnah, n'umugenzo w'Abayisilamu ikinyejana ku kindi, abakurikiye ababanjirije.

Kuva mu Qur'ani: Allah agira ati:

﴿وَإِذَا كُنْتَ فِيهِمْ فَأَقَمْتَ لَهُمُ الصَّلَاةَ فَلَتَقُمْ طَائِفَةٌ مِّنْهُمْ مَعَكَ...﴾

N'igihe (yewe Muhamadi) uzaba uri kumwe na bo (ku rugamba), ukabayobora mu iswala, icyo gihe itsinda rimwe muri bo rijye rihagararana na we mu iswala... [Qur'an 4: 102] Aho iyo aya yerekanye kandi igashimangira ko gusalira mu mbaga ari itegeko, kuko nta ruhushya rwahawe abayisilamu rwo kuyireka mu gihe cy'ubwoba, Iyo itabaye inshingano yategetswe, impamvu yemewe ikwiye kurusha izindi ituma isonerwa yakabaye ubwoba. Kureka iswalat yo mu mbaga no kuyigirira ubunebwe ni bimwe mu biranga bizwi cyane by'indiyarya.

No mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha): hari n'imvugo nyinshi, muri zo:

Ibyavuzwe mu gitabo cya Muslim (Swahih).

أَنَّ رَجُلًا أَعْمَى قَالَ: يَا رَسُولَ اللَّهِ، لَيْسَ لِي قَائِدٌ يَقُودُنِي إِلَى الْمَسْجِدِ، فَسَأَلَهُ أَنْ يُرَخِّصَ لَهُ أَنْ يُصَلِّيَ فِي بَيْتِهِ، فَرَخَّصَ لَهُ، فَلَمَّا وُلَّى دَعَاهُ فَقَالَ: «هَلْ تَسْمَعُ التَّدَاءِ؟» قَالَ: نَعَمْ، قَالَ: «فَأَجِبْ».

Umuntu utabona yabwiye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: "Yewe Ntumwa y'Imana, simfite undandata ngo anzane ku musigiti." Asaba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yamuha uburenganzira

akajya asalira iwe mu rugo, Intumwa y'Imana irabimwemerera. Ariko akimara kugenda iramuhamagara iramubaza iti: "Ese ujya wumva umuhamagaro (Adhana)?" Arasubiza ati: "Yego." Iramubwira iti: "Ujye uwitaba!"¹.

Nuko Intumwa y'Imana, Imana imuhe amahoro n'imigisha, iramutegeka kujya ku musigiti gukorera Iswala muruhame no kwitaba umuhamagaro w'iswala (ADHANA), n'ubwo ari ufite ubumuga bwo kutabona (Impumyi) kandi n'ubwo ahura n'imvune. Ibyo bigaragaza ko ari itegeko gusalira mu mbaga.

2- icyo umuntu ageraho kugira ngo yabarwe ko yifatanyije n'imbaga y'iswalat:

Kuba mu iswalat yo mu mbaga bibarwa iyo umuntu ageze kuri rakkat imwe y'iswalat ari kumwe na Imam. Kubera invugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«مَنْ أَدْرَكَ رُكْعَةً مِنَ الصَّلَاةِ فَقَدْ أَدْرَكَ الصَّلَاةَ».

Uwageze kuri raka imwe mu iswalat, aba amaze kuyigeraho"².

3- icyo ubonera igice cy'Iswala (Rak'a):

Rakkat igerwaho mu gihe hagezweho kunama (Ruku'u). Iyo uwatinze mu Iswala asanze Imam we ari mu kunama (Ruku'u): agomba kubanza kuvuga "Allahu Akbar: Imana ni yo nkuru" itangiza Iswala

¹ Yakiriwe na Muslim (1484).

² Yakiriwe na Bukhari (609), na Muslim (602).

(Takbiratul-Ihram) ahagaze, hanyuma agahita akunama (Ruku'u) yongera kuvuga “Allahu Akbar” ku Ruku'u. Niba yagarukiye ku kuvuga Takbirat itangira Iswala (Takbirat Al Ihram) gusa igihe ari ku gihagararo, byamuhagije ku Takbirat yo kunama (Ruku'u).

4- Impamvu zemerera umuntu kureka Iswala ya djama'a:

1- Indwara, iyo kwitabira ku muni wa gatanu (wa Idjuma) no mu masengesho ya jamaa biba bigoye.

2- Kwifata mu kwihagarika cyangwa mu kwituma; kuko kubifata bituma kwiyumvira no kwicisha bugufi mu iswalat bigenda, kandi bikagira ingaruka mbi ku mubiri.

3- Guhari kw'ibyo kurya kandi umuntu ashonje, cyangwa umutima we urarikira ibyo kurya, ariko bitafatwe nk'umugenzo cyangwa kujijisha ngo adasali iswalat hamwe n'abandi ku musigiti.

4- Gutinya gufatika ku buzima cyangwa ku mutungo cyangwa ku bindi.

Icy a cumi na gatatu: Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba:

Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba iteganyijwe mu kurwana kwose kwemerewe, nko kurwanya abakafir, abigometse, n'abagizi ba nabi bitwaje intwaro, nk'uko Allah yavuze ati:

﴿إِنْ خِفْتُمْ أَنْ يُفْتِنَكُمْ الَّذِينَ كَفَرُوا...﴾

igihe mutinya ko abahakanyi babatera [A-Nisa-u: 101], Ubihereho ugereranye ku bandi bose basigaye mu bemerewe kurwanywa nk'uko amategeko y'ubuyisilamu abiteganyaga.

Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba yemewe hubahirijwe ibintu bibiri:

1) Kuba umwanzi ari uwo byemewe kurwana na we.

2) Gutinya ko yagaba igitero ku Bayisilamu mu gihe cyo gusali.

Uburyo Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba:

Ibiranga byayo ni byinshi; ibizwi cyane muri byo nk'uko byavuzwe mu Hadisi ya Sahal (Imana imwishimire):

أَنَّ طَائِفَةً صَفَّتْ مَعَ النَّبِيِّ ﷺ، وَطَائِفَةٌ وَجَّاهَ الْعَدُوَّ، فَصَلَّى بِالنَّبِيِّ مَعَهُ رُكْعَةً، ثُمَّ تَبَّتْ قَائِمًا، وَأَتَمُّوا لِأَنْفُسِهِمْ، ثُمَّ انْصَرَفُوا، وَصَفُّوا وَجَّاهَ الْعَدُوَّ، وَجَاءَتِ الطَّائِفَةُ الْأُخْرَى، فَصَلَّى بِهِمُ الرُّكْعَةَ الَّتِي بَقِيَتْ مِنْ صَلَاتِهِ، ثُمَّ تَبَّتْ جَالِسًا، وَأَتَمُّوا لِأَنْفُسِهِمْ، ثُمَّ سَلَّمَ بِهِمْ.

Ko itsinda rimwe ryahagaze mu murongo hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), naho irindi rihagaze rihanganye n'umwanzi; Intumwa irasengera abari kumwe na yo rak'a imwe, hanyuma iguma ihagaze, na bo bazuzaho ku isengesho ryabo ubwabo; nyuma barasubira inyuma, bahagarara mu murongo bahanganye n'umwanzi. Hanyuma haza irindi tsinda, irabasengera rak'a yari isigaye mu

isengesho ryayo, maze iguma yicaye, na bo bazuzaho ku isengesho ryabo ubwabo; hanyuma igasoza ibasuhuza hamwe na bo¹.

Kandi twungukira muri Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba:

1- Agaciro k'iswalat mu Islamu, n'agaciro k'iswalat yo mu mbaga, kandi ntiyigeze isonerwa no muri ibi bihe bikomeye.

2- Kworohereza iyi mbaga y'Abayisilamu, n'ubworoherane bw'amategeko y'ubuyisilamu n'uko akwiye igihe cyose n'ahantu hose.

3- Ubutungane bw'amategeko ya Isilamu, kandi ko ku mimerere yose yashyizeho amategeko ayikwiye.

Icy'a cumi na kane: Iswalat yo ku muni wa gatanu (Al Djumu'at):

Irya mbere: itegeko cyayo:

Iswalat yo ku muni wa gatanu (Al Djumu'at) ni itegeko rya buri muntu ku giti cye, rigomba kubahirizwa na buri mugabo w'umuyisilamu ukuze ufite ubwenge kandi usanzwe atuye, udafite impamvu yemewe n'amategeko.

allah aragira ati:

﴿يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا نُودِيَ لِلصَّلَاةِ مِنْ يَوْمِ الْجُمُعَةِ فَاسْعَوْا إِلَىٰ ذِكْرِ اللَّهِ وَذَرُوا الْبَيْعَ ذَلِكُمْ خَيْرٌ لَكُمْ إِنْ كُنْتُمْ تَعْلَمُونَ ﴿١﴾﴾

Yemwe abemeye! Umuhamagaro w'isengesho

¹ Yakiriwe na Bukhari (4130), na Muslim (842).

ry'umunsi wa gatanu (Ijuma) nuhamagarwa, muje mwihuta muja gusingiza Allah, kandi muhagarike ubucuruzi (n'ibindi bintu byose). Ibyo ni byo byiza kuri mwe, iyaba mwari mubizi. [Al-Jumu'ah: 9].

No kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَيَنْتَهِيَنَّ أَقْوَامٌ عَنْ وَدْعِهِمُ الْجُمُعَاتِ، أَوْ لَيَخْتَمَنَّ اللَّهُ عَلَى قُلُوبِهِمْ، ثُمَّ لَيَكُونَنَّ مِنَ الْعَافِينَ».

Abantu bamwe nibahagarike kureka gusali idjuma, cyangwa Allah azadanangira imitima yabo (ntibemere ukuri ngo bagukurikire), hanyuma bazaba mu bararanga"¹.

Icyo kabiri: Amabwiriza y'ukwemerwa kw'Iswalat yo ku munsi wa gatanu:

a) Igihe: Kandi igihe cyayo kimeze nk'igihe cy'Isengesho ryo ku manywa (Adhuh'ri). Ntabwo byemewe mbere y'igihe cyayo, ndetse na nyuma y'uko igihe cyayo kirangiye.

2) Kuyitabirwa n'imbaga, kandi umubare muto w'imbaga ni batatu nk'uko igitekerezo cyizewe kibivuga. Iswala y'umuntu usenga wenyine ntabwo yemerwa, ndetse n'iy'abantu babiri gusa nayo ntabwo yemerwa.

3) Abaswali bagomba kuba ari abatuye bahamye mu macumbi yubatswe hakoreshejwe ibikoresho bisanzwe byo kubaka. byaba bikozwe muri simente

¹ Yakiriwe na Muslim (865).

ifatanyijwe n'ibyuma, cyangwa mu mabuye, cyangwa mu bumba, n'ibindi nk'ibyo, Kubw'ivyo ntibyemewe ku bo mu butayu, bene amahema n'inzu z'imisatsi, batagira aho batuye hahoraho, ahubwo bahora bimuka bagakurikirana urwuri rw'amatungo yabo.

4- Kuba ibanzirizwa n'hutuba ebyiri, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahoraga azikora.

Icya gatatu: Inkingi z'inyigisho zombi zitangwa ku muni wa gatanu:

1- Gushimira Allah no guhamya ko nta yindi mana iriho uretse Allah kandi ko Muhamadi ari Intumwa y'Imana.

2- Gusabira amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

3- Umurage wo gutinya Allah.

4- Gusoma igice runaka muri Qur'ani.

5- Impanuro.

Icya kane: Ibyiza byo gukorwa mu nyigisho ebyiri zitangwa ku muni wa Idjuma:

1- Kuvuga inyigisho kuri Mimbari.

2- Gutandukanya ibice bibiri by'inyigisho zo ku muni wa Idjuma hakicara gake hagati yabyo. 3- Gusabira muri byombi abayisilamu n'abayobozi b'ubutegetsu babo.

4- Kuzigabanya byombi.

5- Gusuhuza kw'umubwiriza abantu igihe azamuka ku ruhimbi.

Icy a gatanu: Ibikorwa byiza (amategeko adushishikariza) ku munsu wa Idjuma:

- 1- Koza mu kanwa n'umuswaki (uburoso,...)
- 2- Gufata umubavu niba uboneka.
- 3- Kuzinduka mu gusohoka ujya gusali iswalat yo kuwa gatanu (Idjuma).
- 4- Kujya ku musigiti n'amaguru no kutagenda mu kinyabiziga.
- 5- Kwegera Imam.
- 6- Ubusabe.
- 7- Gusoma Surat Al Kah'fi.
- 8- Gusabira amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Icy a gatandatu: Ibyo bibujijwe ku muntu witabiriye Iswalat yo ku munsu wa gatanu (wa Idjuma):

- 1- Kuvuga igihe Imam ari gutanga inyigisho ku munsu wa Idjuma ni ikizira, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabivuze iti:

«إِذَا قُلْتَ لِصَاحِبِكَ يَوْمَ الْجُمُعَةِ: أَنْصِتْ، وَالْإِمَامُ يَخْطُبُ، فَقَدْ لَعُوتٌ.»

Nubwira mugenzi wawe uti: Ceceka, ku munsu wa Idjuma Imam ari gutanga inyigisho, uzaba ukinye (mu iswala).¹. Ni ukuvuga: kugira make amagambo y'ubusa; kandi amagambo y'ubusa ni icyaha.

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri nimero (934), na Muslim kuri nimero (851).

2- Ntibyashimwa gutambuka uca hejuru y'abantu, keretse iyo ari Imamu, cyangwa gutambukira ku cyuho kitagerwaho keretse ubikoze utyo.

Kugera kuri Iswala y'imbaga yo ku muni wa gatanu (Idjuma):

Uwageze ku kunama hamwe na Imam muri raka ya kabiri y'iswala ya Idjuma, aba yageze ku Idjuma, akayuzuzura ikaba raka ebyiri. Naho aramutse atageze kuri rukuu ya raka ya kabiri, iswala ya Idjuma iba yamucitse, akayuzuzura A-Dhuhuri raka enye. Kandi uwacikanwe n'iswala ya Idjuma kubera gusinzira cyangwa indi mpamvu, ayisali nk'iswala ya Adhuhuri.

15- Iswalat ikorwa n'abantu bafite impamvu zituma badasali uko bikwiye:

Icya mbere: Iswalat y'umurwayi:

Icya mbere: umurwayi agomba gusenga uko ashoboye, Kandi ntibyemewe kuri we gucyereza iswalat ku gihe cyayo igihe cyose umuntu agifite ubwenge.

Icya kabiri: Umurwayi ni gute asali?

1- Umuntu urwaye agomba gusali ahagaze niba abasha guhagarara atagowe kandi bitamutera ingaruka mbi, akanama akanubama.

2- Niba kunama (Ruku) cyangwa kubama bimugiraho ingaruka n'ubwo ashobora guhagarara; akoreshe umutwe agaragaza kunama (Ruku)

ahagaze, naho kubama akabigaragaza yicaye.

3- Niba adashoboye gusenga ahagaze, asenge yicaye. Ikiri mu mugenzo w'Intumwa y'Imana (Sunat) ni uko yicara yambariye amaguru mu mwanya w'uhagaze, akerekana kunama (Ruku'u) akoresheje umutwe, akubama ku butaka igihe bibaye byoroshye; bitabaye ibyo, akerekana kubama akoresheje umutwe, kandi umutwe akawumanura cyane igihe yubama kurusha uko awumanura igihe yunama.

4- Niba adashoboye gusenga yicaye, asenge aryamiye urubavu rwe, mu maso ye yerekeje Qiblah. Urubavu rw'iburyo ni rwo rwiza kurushaho nibishoboka, kandi abikoresha umutwe mu kunama no kubama.

5- Iyo adashoboye gusali uryamiye urubavu rwe, asali aryamiye agaramye ku mugongo, ibirenge bye byerekeje Qiblah, maze akoreshe umutwe agaragaze kunama (Ruku-u) no kubama.

6- Iyo adashoboye kwerekana ibyo bikorwa akoresheje umubiri we mu kunama (Ruku-u) no kubama (Sujud), akabyerekana akoresheje umutwe; iyo na byo bimugoye, ntabisabwa, akurikiza ibikorwa by'isengesho mu mutima we, agafata umugambi mu mutima we w'ibikorwa by'isengesho birimo kunama, kubama no kwicara, akiri uko ameze, kandi akavuga ibivugwa muri ibyo bikorwa.

7- Umurwayi akora mu mabwiriza y'iswalat ibyo

abasha: nko kwerekeza Qiblah, kwiyuhagira akoresheje amazi, cyangwa tayammum iyo adashoboye gukoresha amazi, ndetse no kwisukura ku bihumanye. N'iyi ananiwe kimwe muri ibyo, bimuvaho; asenga uko ashoboye, kandi ntiyashyira iswalat inyuma y'igihe cyayo.

8- Umugenzo mwiza dukura ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni uko umurwayi yicara yambikanye amaguru mu mwanya w'uguhagarara no w'ukunama (Ruku), naho asigaye akicarira ukuguru kw'imoso, amano y'ukw'indyo ashinze.

Icyi kabiri: Iswalat y'uri ku rugendo:

1- Mu bafite impamvu zemerera: umuntu uri ku rugendo; yemererwa kugabanya iswalat ya rakat enye akayisali rakat ebyiri. Allah aragira ati:

﴿وَإِذَا ضَرَبْتُمْ فِي الْأَرْضِ فَلَيْسَ عَلَيْكُمْ جُنَاحٌ أَنْ تَقْصُرُوا مِنَ الصَّلَاةِ...﴾

Kandi nimujya mu rugendo, nta kosa kuri mwe kugabanya iswala (umubare wa raka z'iswala)... [A-Nisa'u: 101].

Hadith yaturutse kwa Anas Ibin Malik (Imana imwishimire) yaravuze ati:

«خَرَجْنَا مَعَ النَّبِيِّ ﷺ مِنَ الْمَدِينَةِ إِلَى مَكَّةَ، فَكَانَ يُصَلِّي رُكْعَتَيْنِ رُكْعَتَيْنِ، حَتَّى رَجَعْنَا إِلَى الْمَدِينَةِ.»

Twajyanye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) tuvuye i Madinat tujya i Makat, ikajya isali raka ebyiri ebyiri, kugeza

twasubiye i Madinat."¹

Kugabanya umubare wa rakat z'iswalat bitangira igihe umuntu uri ku rugendo asohotse mu bice byubatse by'umuji atuyemo; kuko Allah yemeje kugabanya rakat ku wagiye mu rugendo. Kandi mbere yo gusohoka mu muji we ntaba akibarwa nk'ugendagenda mu isi cyangwa nk'umugenzi; kuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagabanyaga amaswala ari uko yatangiye urugendo.

2- Intera iyo umuntu uri ku rugendo agiye kuyigenda aba yemerewe kugabanya umubare wa raka z'iswalat ni hafi ya kirometero mirongo inani.

3- Umusafiri yemerewe kugabanya amaswala (Qasr) mu kugaruka kwe kugeza yinjiye mu gihugu cye yavuyemo.

4- Iyo umuntu uri ku rugendo ageze mu muji kandi agambiriye kuhaguma; aba afite ibyiciro bitatu:

a) Niba agambiriye kuguma aho iminsi irenga ine; agomba gusali iswalat yuzuza umubare wa rakat zayo zose guhera ku muni wa mbere yicaye aho, kandi ntiyemerewe kwifashisha ubworohere bw'urugendo.

b) Niyiyemeza kumara iminsi ine cyangwa muni yayo aho azaba; bityo akemererwa kugabanya amasengesho no gukoresha

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (1081), na Muslim kuri numero (693).

ubworoherezwe bw'urugendo.

(j) Ntagomba kuba yagambiriye kwicumbikira igihe runaka cyagenwe; ahubwo ashobora kuguma umunsi umwe cyangwa iminsi icumi, hakurikijwe uko aho hantu hamubereye, cyangwa kubera afite impamvu y'ubuvuzi cyangwa yo kugenzurwa kwa muganga; iyo impamvu imaze kurangira, asubira mu gihugu cye. Uyu yemerewe kugabanya raka z'iswalat no gukoresha ubworoherezwe bw'urugendo kugeza agarutse, n'ubwo igihe cyo kuhaguma kwe cyarenga iminsi ine.

Iyo umuntu uri ku rugendo asariye inyuma y'umuyoboye utari ku rugendo, agomba kuyisali yuzuzwa umubare wa rikat umuyoboye asaye; kabone n'iyo yamusanga ku nyicaro y'ubuhumya ya nyuma mbere y'indamutso y'amahoro isoza iswalat.

6- Iyo utari ku rugendo asariye inyuma y'umuntu uri ku rugendo ugabanya raka z'iswalat; ni itegeko k'utari ku rugendo kuyuzuzwa iswalat ye nyuma y'uko umuyoboye avuze indamutso y'amahoro isoza iswalat.

Icy a cumi na gatandatu: Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (irayidi):

Iminsi mikuru abayisilamu bizihiza ni iminsi mikuru y'Imana; Allah Nyir'ubutagatifu ni We yayitegetse kuri bo, kandi si bo bayishyiriyeho bo ubwabo. Nta yindi minsi mikuru bafite uretse

ilayidi ebyiri gusa, ari zo: irayidi yo gusiburuka igisibo cya Ramadhan (Eidul Fitri), n'irayidi y'igitambo (Eidul Adw'ha). Binyuranye n'iminsi mikuru y'abatemera Imana cyangwa iminsi mikuru mpimbano itashyizweho n'Imana Isumba byose kandi ntiyigeze iyitegeka, ahubwo bo ubwabo ni bo bazishyizeho.

Itegeko rirebana n'Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (y'ilayidi):

Itegeko rusangiwe; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahoraga aryubahiriza, kandi abasigire be bari barayobotse bakayobora abandi nyuma ye (Imana ibishimire bose) na bo bahoraga baryubahiriza. Ni bimwe mu bimenyetso by'idini n'ibikorwa byaryo bigaragara.

Igihe cy'Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (y'ilayidi): Gitangirana igihe izuba riba ryarashe ryamaze guhinguka ahangana n'umuheto, ni ukuvuga nyuma y'uko rirashe nk'iminota cumi n'itanu; kikarangira ku manywa izuba rirenze hagati mu kirere, mbere y'iswalat ya Adhuhuri ho gato.

Uburyo Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (y'ilayidi) ikorwamo:

1- Mu Raka'ah ya mbere, avuga ati: "Allahu Akbar (Imana isumba byose)" yo gutangiza iswalat (Takbiratul Ih'ramu), hanyuma agasoma urufunguzo rw'iswala (Du'a al-Istiftah). Nyuma akongera akavuga takbira esheshatu, azamura

amaboko kuri buri takbira, akayisingiza kandi akayiha ishimwe n'ikuzo, kandi hagati ya za takbira akohereza amahoro n'imigisha ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Hanyuma akavuga: "AUDHUBILLAHI MINA SHAYTWAN RADJIIM" (Nikinze ku Mana ngo indinde Shitani wavumwe), akongeraho: "Bismillahir Rahmanir Rahim" (Mu izina ry'Imana Nyir'Imbabazi, Nyir'impuhwe nyinshi), maze agatangira gusoma (Qur'ani).

2- Mu raka ya kabiri, nyuma yo kuvuga Allahu Akbar (Imana niyo nkuru) yo kwimuka, akavuga "Allahu Akbar" inshuro eshanu; hanyuma akavuga "A'udhu billahi minash-shaytanir-rajim" (Niyambaza Imana ngo inkingire Shitani yirukanwe), akongeraho "Bismillahir-Rahmanir-Rahim" (Mu izina ry'Imana Nyir'Impuhwe, Nyir'Imbabazi), maze agatangira gusoma. Birakwiye kandi birashimwa ko mu raka ya mbere, nyuma ya Suratu Al Fatiha, asoma Suratul A'ala, naho mu raka ya kabiri akasoma Suratul Ghashiyah.

3- Nuko Imam arangije gusuhuza; azamuka kuri Min'bari, agatanga inyigisho ziri mu bice bibiri, kandi akicara hagati yazo akanya gato, nk'uko bikorwa mu nyigisho z'Idjuma.

Ibikorwa by'umugereka by'Ilayidi:

A- Kwiyuhagira (Ghus'lu).

B- Kwisukura no kwisiga umubavu.

Igisubizo: Kurya mbere yo gusohoka ku irayidi

yo gusiburuka igisibo cya Ramadhan (Eidul Fitri), no kurya nyuma yo gusohoka ku irayidi y'igitambo (Eidul Adw'ha), avanye ku gitambo cye niba afitte igitambo.

d- Gusohoka n'amaguru.

Kujya unyura mu nzira imwe, no kugaruka unyura mu yindi nzira.

Kuzinduka ujya ku muswala k'uyobowe atari umuyoboye.

Kuvuga ijambo Allah Akbar (Takbir):

Ni mu mugenzo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kuvuga Takbirat (Ijambo Allah Akbar) mu majoro y'irayidi ebyiri, n'iminsi icumi ya Dhul-Hijjah, n'iminsi ya Tashriq; kandi birimo amoko abiri:

igice cyambere: Kuvuga Takbirat (Ijambo Allah Akbar) rusange: ni uku kuvuga kutagenerwa igihe runaka.

1- Ku Idi Fitiri: Guhera izuba rikimara kurenga ijoro ry'Idi kugeza ku gutangira Iswalat y'Idi.

2- Mu irayidi y'igitambo: guhera izuba rirenze mu ijoro ry'umunsi wa mbere wa Zulhijja kugeza izuba rirenze ku munsi wa nyuma w'iminsi ya tashriq.

Ubwoko bwa kabiri: Takbirat (Ijambo Allah Akbar) zigenwe: ni izivugirwa mu kurangiza iswalat z'itegeko.

1- Utari uwamaze kwinjira mubikorwa by'umutambagiro mutagatifu: guhera fajiri

y'umunsi w'Arafa kugeza ku isaha ya asiri y'umunsi wa nyuma w'iminsi ya Tashriiq.

2- Uwambaye umwambaro wa Ihram: Guhera ku iswalat yo ku manywa (Adh Duhuri) ku munsi w'irayidi y'igitambo kugeza ku iswalat yo ku gicamunsi (Al Asri) y'umunsi wa nyuma w'iminsi ya Tashriq.

Icya cumi na karindwi: Iswalat y'igihe habaye ubwirakabiri bw'izuba (Al Kusuf):

Ibisobanuro by'ubwirakabiri bw'ukwezi (Al Khusuf) n'ubwirakabiri bw'izuba (Al Kusuf):

Ubwirakabiri bw'ukwezi (Al Khusuf): ni kuvaho kw'urumuri rw'ukwezi cyangwa igice cyarwo mu ijoro.

Ubwirakabiri bw'izuba (Al Kusuf): ni ugutakara k'umucyo w'izuba cyangwa igice cyawo ku manywa.

Itegeko rirebana n'Iswalat y'igihe habaye ubwirakabiri bw'izuba (Al Kusuf):

Ni umugenzo wemejwe bikomeye; bigaragazwa n'igikorwa cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kuko yakoze isengesho ryo kuzimira k'izuba igihe izuba ryazimiye mu gihe cye. Nk'uko itegeko rya Allah ryo kuyikora ribyerekana, kandi byemeranyijweho n'abamenyi ko yemewe mu mategeko y'idini.

Igihe cyayo:

Kuva ku itangira ry'ubwirakabiri bw'izuba (Al

Kusuf) cyangwa se ubw'ukwezi (Al Khusuf) kugeza ku gusubira kugaragara, ari byo kurangira k'ubwirakabiri bw'ukwezi cyangwa ubw'izuba.

Ibisobanuro byayo:

Umubare wa raka zayo ni ebyiri, kandi muri zo hasomerwa mu ijwi riranguruye, uko ikorwa ni uku bikurikira:

A- Avuga "Allahu Akbar: Imana isumba byose" yo gutangira iswala, agasoma urufunguzo rw'iswala, akavuga: "AUDHUBILLAHI MINA SHAYTWAN RADJIIM", agatangiza izina rya Allah, agasoma Surat Al Fatiha, hanyuma agasoma birebire.

B- Nyuma akunama (Ruku'u) igihe kirekire.

J- Hanyuma akunamuka avuye muri Ruku'u, akavuga ati: "Samiallahu liman hamidah (Imana yumva abayisingiza)", hanyuma agasoma Suratul Fatihat, hanyuma agasoma igisomwa kirekire kigufi kurusha icya mbere.

ۛ- Hanyuma akunama (Ruku'u) igihe kirekire, ariko kigufi kurusha Ruku'u ya mbere.

h- Nyuma akunamuka avuye muri Ruku'u, akavuga ati: (SAMI'ALLAHU LIMAN HAMIDAHU: Allah yumva umusingiza).

۞- Hanyuma akubama (Sudjuud) ebyiri z'igihe kirekire.

Hanyuma ahaguruka agasali raka ya kabiri nk'uko yakoze iya mbere, ariko yo iba ngufi kurusha iya mbere.

Imigenzo yayo:

A) Umuhamagaro wayo uvuga uti: (Iswala y'imbaga).

b) Ko Iswalat ikorerwa mu mbaga.

Igisubizo: Kongera akanya mu Iswala mu guhagarara kwayo, mu Rukuu no mu kubama kwayo.

d) Ko raka ya kabiri iba ngufi kurusha iya mbere.

e) Impanuro nyuma yayo, no gushishikariza gukora ibikorwa byiza, no kureka ibibi.

w) Kongera ubusabe n'ugutakamba, kongera gusaba Allah imbabazi, no kongera gutanga imfashanyo.

18- Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa):

1) Gusaba imvura: ni ugusaba ko Allah Ta'ala amanure imvura mu bihe by'amapfa.

Igihe giteganyijwe n'Idini cyo gukoramo Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa):

Iswalat yo gusaba imvura yemewe igakorwa igihe ubutaka bwumye bukabura umwero, imvura ikabura, kandi kubura kwayo kukagira ingaruka mbi; bityo nta kundi baba bafite uretse kwicisha bugufi no gutakambira Umuremyi wabo, bakamusaba imvura, kandi bakamwinginga ngo abatabare mu buryo bwose bw'ubutakamba n'ubusabe (Iduwa).

A- Rimwe na rimwe Iswalat igakorerwa mu mbaga, cyangwa ku giti cye.

b- Kandi rimwe na rimwe binyuze mu busabe mu nyigisho zo ku munsu wa gatanu (Idjuma), Imam arasaba, Abayisilamu bakavuga Amini ku busabe bwe.

Igisubizo: Kandi rimwe na rimwe bigakorwa wifashishije ubusabe mu gihe icyo ari cyo cyose, nta Iswala kandi nta Khutuba.

Itageko rirebana n'Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa):

Ni Sunat ishimangiye iyo impamvu yayo ibonetse, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabikoze, nk'uko bigaragara muri Hadithi ya Abdullah Ibun Zayd (Imana imwishimire) yavuze ati:

«خَرَجَ النَّبِيُّ ﷺ إِلَى الْمُصَلَّى، فَاسْتَسْقَى، وَاسْتَقْبَلَ الْقِبْلَةَ، وَقَلَّبَ رِدَاءَهُ، وَصَلَّى رُكْعَتَيْنِ».

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arasohoka ajya ku kibuga cy'amasengesho (al-Musalla), arasaba Imana imvura (Istisqa), yerekeraga QIBLAT, ahindukiza umwitero we, arasali raka ebyiri¹.

Uko Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa) ikorwa:

Uburyo Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa) ikorwamo aho ibera bimeze nk'Iswalat yo ku munsu mukuru (w'ilayidi). Ni byiza

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri nimero (1012), na Muslim kuri nimero (894).

kuyikorera mu kibuga cy'iswala nka Iswalat y'irayidi, kandi amategeko yayo ameze nk'aya Iswalat y'irayidi: mu mubare wa rakaa, Imam akasoma mu ijwi riranguriye, ikanasalwa mbere y'inyigisho, kandi hakabamo takbira z'inyongera mu rakaa ya mbere n'iya kabiri mbere yo gusoma. Nk'uko byasobanuwe mbere muri Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (y'ilayidi). Akavuga inyigisho imwe.

Icya cumi na cyenda: Amategeko ajyanye n'ibikorera uwapfuye:

Irya mbere: Ku bari hafi y'uri mu marembera:

1- Birasabwa ku wari hamwe n'uri mu minota ye ya nyuma kumwigisha kuvuga ijambo LA ILAHA ILALLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah.

2- Kandi ni Sunna ko yerekezwa ku ngoro ya Al Kaabat i Maka (Qib'lat).

3- Birashimwa ko afunga amaso ye.

4- Guhisha umurambo nyuma y'urupfu rwe n'umwenda, ariko ibyo ntabwo ari itegeko.

5- Bikwiye kwihutira kumutegura ibijyanye no kumushyigura.

6- Bitegetswe kwihutira gucyemura imyenda ye.

7- Umurambo ukozwa kandi ugapfunyikwa, byombi bikaba inshingano rusange.

Icya kabiri: Amategeko agenga Iswalat y'uwapfuye:

Itegeko ryayo: Inshingano ya rusangi.

Ibisabwa byayo:

1) Kwerekera ku ngoro ya Al Kaabat i Maka (Qib'lat).

2- Guhisha ubwambure.

3- Kwirinda umwanda.

4) Isuku y'usenga n'uwo basengera (umupfu).

5) Ubusilamu bw'ukora Iswalat n'uwasengerwa.

6- Kwitabira umuhango wo kumushyngura iyo ubera aho utuye.

7-Kuba ari ufite inshingano z'amategeko y'idini.

Inkingi zayo:

1) Guhagarara muri yo.

2) Takbirat enye (Ijambo Allah Akbar).

3) Gusoma Surat Al Fatihat.

4) Gusabira amahoro n'imigisha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

5- Ubusabe busabirwa uwapfuye

6) Gukurikiranya.

7) Kuvuga indamutso y'amahoro (As-salamu alaykum).

Ibitari itegeko yayo:

1- Kuzamura amaboko yombi kuri buri Takbir (Ijambo Allahu Akbar).

2) Kwishingikiriza kuri Allah.

3) Gusabira we ubwe n'Abayisilamu.

4) Kugira ijwi rike mu gisomo.

5) Guhagarara akanya gato nyuma ya Takbira ya kane, mbere yo gusuhuza (Taslim).

6) Gushyira ukuboko kw'iburyo hejuru y'ukw'ibumoso ku gituza.

7- Kwerekera iburyo igihe uri gusoza utora Salamu (uvuga A-Salam Alaykum).

Imiterere yayo:

Imamu cyangwa usenga wenyine ahagarara ku gituza cy'umugabo no hagati y'umugore, akavuga ati: “Allahu Akbar (Imana isumba byose)” yo gutangiza iswala (Takbiratul Ihram), akavuga ati: “AUDHUBILLAHI MINA SHAYTAWAN RADJIIM: Nikinze ku Mana ngo indinde Shitani wavumwe”, ntasoma urufunguzo rw'iswala (Du'aul Istiftah), akavuga ati: “Bismillahi (Mu izina ry'Imana)”, hanyuma agasoma Suratul Fatihat.

Hanyuma akavuga Allahu Akbar, akurikizaho gusabira imigisha n'amahoro ku Muhanuzi ﷺ; hanyuma akongera akavuga Allahu Akbar, agasabira uwapfuye ubusabe (iduwa) nk'uko byavuzwe. Nka imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِحَيَاتِنَا وَمَيِّتِنَا، وَصَغِيرِنَا وَكَبِيرِنَا، وَذَكَرْنَا وَأُنْقَاتَنَا، وَشَاهِدِنَا وَعَائِيْنَا،
اللَّهُمَّ مَنْ أَحْيَيْتَهُ مِنَّا فَأَحْيِهِ عَلَى الْإِيمَانِ، وَمَنْ تَوَفَّيْتَهُ مِنَّا فَتَوَفَّهُ عَلَى الْإِسْلَامِ، اللَّهُمَّ
لَا تَحْرِمْنَا أَجْرَهُ، وَلَا تُضِلَّنَا بَعْدَهُ».

((mana nyagasani babarira abazima muri twebwe, n'abapfuye muri twe, n'abato muri twe, n'abakuru muri twe, n'abagabo muri twe n'abagore muri twe, n'abahari tubona muri twe, n'abadahari,

mana nyagasani uwo uzaha ubuzima muri twe uzamuhe kubaho agifite ukwemera, kandi uwo uzatwara ukamukuramo roho, uzamutware ari mu buyislam, mana ntuzatubuze ibihembo bye, kandi ntuzatuyobye nyuma ye.))¹.

No mu yindi mvugo ye aragira ati:

«اللَّهُمَّ اغْفِرْ لَهُ وَارْحَمْهُ، وَعَافِهِ وَاعْفُ عَنْهُ، وَأَكْرِمْ نُزُلَهُ، وَوَسِّعْ مَدْخَلَهُ، وَاعْسِلْهُ بِالْمَاءِ وَالطَّلْحِ وَالْبَرْدِ، وَنَقِّهِ مِنَ الْخَطَايَا كَمَا نَقَّيْتَ الثَّوْبَ الْأَبْيَضَ مِنَ الدَّنَسِ، وَأَبْدِلْهُ دَارًا خَيْرًا مِنْ دَارِهِ، وَأَهْلًا خَيْرًا مِنْ أَهْلِهِ، وَزَوْجًا خَيْرًا مِنْ زَوْجِهِ، وَأَدْخِلْهُ الْجَنَّةَ، وَأَعِدْهُ مِنْ عَذَابِ الْقَبْرِ، وَمِنْ عَذَابِ النَّارِ».

((mana mubabarire ibyaha bye, unamugirire impuhwe umuhe ubuzima bwiza, umurinde ibibi, umwakire neza umuha ibyo wamugeneye mu ijuru, unamwagurire imva ye mana unamusukure ukoresheje amazi n'urubura, mana unamweze umukize ibyaha bye, nk'uko umwenda w'umweru wezwa ugashiraho umwanda, umuhe ingurane y'ubuturo bwiza kurusha ubwo yari afite, umuhe n'umuryango mwiza kurenza uwo yari afite n'umufasha mwiza kurenza uwo yari afite, unamwinjize mu ijuru, unamurinde ibihano byo mu mva n'ibihano byo mu muriro))². Hanyuma akavuga ijambo Allahu Akbar, akahagarara akanya gato nyuma yaho, hanyuma agasoza utora Salamu

¹ Yakiriwe na Abu Dawud nimeru (3201), na Tirmidhiy nimeru (1024), kandi yavuze ko ari Hadithi nziza y'ukuri.

² Yakiriwe na Muslim (962).

rimwe ahindukira iburyo (uvuga A-Salam Alaykum).

IGICE CYA GATATU: AMATURO:

1- Sobanuro ry'ituro ry'itegeko n'umwanya rifite:

Amaturo y'itegeko mu rurimi: ugukura n'ukwiyongera.

Amaturo y'itegeko mu mategeko y'idini: ni ibyo umuntu agomba abandi by'itegeko mu mitungo runaka, bigenewe itsinda runaka.

Ni inkingi ya gatatu mu nkingi z'Ubuyisilamu, Ikaba ihuzwa n'iswalat muri Al-Qur'aan ahantu mirongo inani na bibiri, bikerekana ubuhambare n'agaciro bwayo.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَأَقِيمُوا الصَّلَاةَ وَعَاتُوا الزَّكَاةَ...﴾

Munahozeho iswala, munatange amaturo... [Al Baqarat: 43]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«بُنِيَ الْإِسْلَامُ عَلَى خَمْسٍ: شَهَادَةِ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَأَنَّ مُحَمَّدًا رَسُولُ اللَّهِ، وَإِقَامِ الصَّلَاةِ، وَإِيتَاءِ الزَّكَاةِ، وَحَجِّ الْبَيْتِ، وَصَوْمِ رَمَضَانَ».

"Ubuyisilamu bwubatswe ku nkingi eshanu: Guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa uretse Imana imwe rukumbi, no guhamya ko Muhamad ari intumwa y'Imana, no gukora

amasengesho, no gutanga amaturu, no gukora umutambagiyo ku ngoro y'Imana, no gusiba ukwezi kwa Ramadhan."¹

Abayisilamu bose babyemeranyijweho ko ari itegeko rya ngombwa, Kandi turemeza ubuhakanyi bw'uwahakana itegeko ryayo, Kandi kurwanya abanga kuyitanga.

2- Amabwiriza agenda itegeko ryo gutanga amaturu:

(a) Ubwisanzure: Zaka ntisabwa ku mugaragu; kuko nta mutungo we agira, kandi ibyo afite bikaba ari umutungo wa shebuja we; bityo Zaka yabyo ikaba ari iya shebuja we.

b) Ubuyisilamu: ntiba itegeko ku muhakanyi; kuko ari igikorwa kigusha umuntu hafi ya Allah kandi ari kumvira, kandi umuhakanyi si mu bagenewe ukwegera Allah no kumvira.

- Gutunga Nisaab: amaturu y'itegeko (Zakat) ntategekwa ku mutungo utaragera kuri Nisaab; kandi Nisaab ni ikigero kizwi cy'umutungo.

(d) Uburenganzira bwuzuye ku mutungo: ko umutungo uba ari uw'umuntu mu buryo buhamye kandi buzuye; bityo nta Zakat isabwa ku mutungo utarahama ko ari uwe, nko umwenda w'amasezerano ya mukataba.

(e) Kurangira umwaka wuzuye ku mutungo: Kubera Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana

¹ Yakiriwe na Al Bukhari, kuri nimeru (8), na Muslim kuri nimeru (111).

imwishimire) nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«لَا زَكَاةَ فِي مَالٍ حَتَّى يَحُولَ عَلَيْهِ الْحَوْلُ».

«Nta Zakat isabwa ku mutungo kugeza igihe umwaka wuzuye uhashize kuri wo.»¹.

3- Imitungo igomba gutangwaho amaturu y'itegeko:

Icya mbere: amatungo,

Ayo ni ingamiya, inka, n'ihene cyangwa se intama, kandi kuri yo amaturu ategetswe ku mabwiriza abiri:

1- Igomba kugenwa kuba iyo gukamwa no kororoka, ntibe igenewe imirimo.

2-Kuba ari ibiragira (ni ukuvuga: birisha ku rwuri). Nta maturu ategetswe ku matungo agaburirwa na nyira yo ubwatsi yabaguriye, cyangwa yakusanyije mu byatsi byo mu rwuri cyangwa ibindi. Kandi nta maturu y'itegeko ku matungo arisha mu rwuri igice cy'umwaka gusa, atarisha umwaka wose cyangwa kinini cyawo.

4- Inisabu z'amatungo:

1- Zakat y'ingamiya:

Igihe ibisabwa by'itegeko byujwwe; biba bitegetswe ko ku ngamiya eshanu hatangwa ihene cyangwa se intama imwe, ku ngamiya icumi hatangwa ihene cyangwa se intama ebyiri, ku ngamiya cumi n'eshanu hatangwa ihene cyangwa

¹ Yakiriwe na Ibun Majah (1792), na A-Tirmidhiy (63) na (631).

se intama eshatu, ku ngamiya makumyabiri hatangwa ihene cyangwa se intama enye, Nkuko bigaragazwa n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'ubwumvikane rusange bw'abahanga mu idini. Iyo ingamiya zigeze makumyabiri n'itanu, hatangwamo bint makhad, ari yo ingamiya y'umukobwa yujuje umwaka ikinjiye mu wa kabiri; iyo itaboneka, bihagije kuyisimbuza ibn labun.

Iyo ingamiya zigeze kuri mirongo itatu n'itandatu; hagomba gutangwa "bint labun", na yo ni: ingamiya y'ingore imaze kuzuza imyaka ibiri.

Iyo ingamiya zigeze kuri mirongo ine n'itandatu, biba ngombwa ko hatangwa Hiqqah, ari yo ingamiya y'ingore yujuje imyaka itatu.

Iyo ingamiya zigeze kuri mirongo itandatu n'imwe, mu maturo yazo hagomba gutangwa ingamiya yujuje imyaka ine.

Iyo umubare w'ingamiya ugeze ku mirongo irindwi n'itandatu, hagomba gutangwamo bint labun ebyiri (ingamiya z'imyaka ibiri).

Iyo ingamiya zigeze kuri 91; hagomba gutangwamo ingamiya ebyiri z'imyaka itatu zigeze mu cya kane.

Iyo umubare w'ingamiya urenze ijana na makumyabiri na rimwe, bitegetswe ko hatangwamo Bint Labun eshatu; hanyuma, kuri buri mirongo ine hatangwamo Bint Labun imwe, no kuri buri mirongo itanu hatangwamo Hiqqa imwe.

2- Zakat y'inka:

Zaka yayo iba ngombwa iyo ibisabwa byuzuye; iyo umubare wageze kuri mirongo itatu hatangwa tabi'u cyangwa tabi'ah, ari yo inyana imaze umwaka umwe wuzuye ikinjira mu mwaka wa kabiri.

Kandi nta cyo kiriho ku biri munsu ya mirongo itatu.

Iyo umubare w'inka wageze kuri mirongo ine, hagomba inka y'imyaka ibiri yuzuye, ari yo yujuje imyaka ibiri.

Niba umubare w'inka urenze mirongo ine, muri buri mirongo itatu hagomba gutangwa inyana y'umwaka umwe, ingabo cyangwa ingore, kandi muri buri mirongo ine hagatangwa inka y'imyaka ibiri, ingore.

3- Zakat y'Intama:

Iyo umubare w'intama n'ihene ugeze kuri mirongo ine, byaba ari iz'intama cyangwa iz'ihene, hagomba gutangwa ituro ry'intama imwe; ikaba ari jadh'u y'intama, cyangwa ihene y'ingore.

Nta Zakat kuri ihene cyangwa se intama igihe umubare wazo uri munsu ya mirongo ine. Iyo umubare w'intama n'ihene ugeze ku ijana na makumyabiri na rimwe; biba ngombwa gutangamo intama ebyiri. Iyo igeze kuri magana abiri na rimwe; hagomba gutangwa intama eshatu.

Hanyuma ituro ritegetswe rikahama muri byo nyuma y'uko uwo mubare ugerweho; bityo kuri

buri ijana ry'ihene cyangwa se intama hateganywa intama imwe; kuri magana ane hakaba intama enye, n'ibindi bityo.

Irya kabiri: Zakat y'ibihingwa.

Ibisohoka mu isi ni amoko abiri:

1) Ibinyampeke n'imbuto.

2) Amabuye y'agaciro.

igice cyambere: ibinyampeke n'imbuto:

Amaturo ategetswe ku binyampeke nk'ingano, uburo n'umuceri. No mu mbuto, nk'amatende n'imizabibu yumye, Zaka ntitegekwa ku bindi bihingwa, nk'ibinyamisogwe n'imboga.

Amabwiriza agenda itegeko ryo gutanga Zakat mu mbuto n'ibinyampeke:

1) Kuba byarahunitswe: Ntihaziyirwaho amaturo ku bidahunikwa nk'imbuto n'imboga.

2) Kuba ari ibipimwa mu bipimo bya (Swa'a): Bivuze ko nta Zakat itangwa ku bigurishwa hifashishijwe kubara cyangwa se gupima ku biro; nk'imbuto zitwa Water Melon, ibitunguru, imikomamanga, n'ibindi.

3) Kuba byujuje ingano (Nisaab): ari yo ingana n'ibipimo bya (Wasaq) eshanu; bityo nta maturo atangwa y'itegeko ku kigero kiri muni y'icyo.

4) Igipimo ntarengwa kigomba kuba kibarirwa mu byo Nyir'umutungo atunze iyo igihe cyo gutanga ituro ry'itegeko cyageze.

Uwujuje icyo gipimo nyuma y'igihe cy'itegeko cyo gutanga amaturo, ntategetswe gutanga

amaturu kuri we, nko kuba yawugura cyangwa se akawuhabwamo impano nyuma yo kubona umusaruro wawo.

Igihe cy'itegeko cyo gutanga amaturu yayo:

Amaturu ategetswe mu binyampeke n'imbuto igihe bitangiye kwera. N'ibimenyetso cy'uko byeze ni ibi bikurikira:

A- Mu binyampeke: Ni igihe bimaze gukomera.

b- Mu mbuto z'ibiti by'imitende: Ni igihe zatangiye guhishira no kuba umuhondo.

Igisubizo: Mu mizabibu: kuba zoroshye kandi ziriyoshye.

Igipimo cyabyo:

Igipimo fatizo cy'ibinyampeke n'imbuto: ni Awsaq eshanu Wasaq ni Swa'a mirongo itandatu. Igipimo fatizo (Niswab) ingana n'amashyi (Swa'a) magana atatu y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi mu biro (kilogramu) kingana n'ibiro hafi 900.

Igipimo cy'ituro y'itegeko agomba gutangwa muri cyo:

Hagomba gutangwa kimwe cya cumi mu musaruro w'ibihingwa byeze bituhiriwe, nk'ibyejejwe n'imvura cyangwa se imigende y'amazi.

Naho ku byeze bibanje kuhirirwa n'imbaraga z'abantu cyangwa se amatungo cyangwa se n'ibindi bikoresho bigezweho ituro ryabyo ni kimwe cya kabiri cya kimwe cya cumi (1/2/10).

Ubwoko bwa kabiri: Amabuye y'agaciro:

Mu moko y'ibiva mu butaka, harimo amabuye y'agaciro. Nayo akaba asobanuye ibyo ari byo byose bikurwa mu butaka bitari mu bwoko bwabwo; nka Zahabu, Feza, ubutare n'andi mabuye y'agaciro.

Igihe cy'itegeko cyo gutanga amaturo yabyo:

Iyo Niyamara kuyegukana no kuyigenga; ahite atanga amaturo yayo, kuko kuri yo ntibisabwa ko umwaka ubanza gushira. Niswaab yayo ni Niswaab ya Zahabu na Feza, kandi hatangwamo kimwe cya kane cy'icya cumi (1/4/10) ari cyo kingana na 2.5% cy'agaciro kayo.

Ubwoko bwa gatatu: Amaturo y'indi mitungo y'agaciro.

Imitungo y'agaciro ni: Zahabu, Feza, n'amafaranga; kuyitangira amaturo ni itegeko. Gihamya y'ibi ni imvugo ya Allah igira iti:

﴿وَالَّذِينَ يَكْنِزُونَ الذَّهَبَ وَالْفِضَّةَ وَلَا يَنْفِقُونَهَا فِي سَبِيلِ اللَّهِ فَبَشِّرْهُمْ بِعَذَابٍ

أَلِيمٍ ﴿٣٤﴾

{Kandi ba bandi bahunika Zahabu na Feza ntibabitange mu nzira ya Allah, bagezeho inkuru y'ibihano bibabaza (bazahanishwa)}. [Qur'an 9: 34].

No muri Hadithi iragira iti:

«مَا مِنْ صَاحِبِ ذَهَبٍ وَلَا فِضَّةٍ لَا يُؤَدِّي فِيهَا حَقَّهَا؛ إِلَّا إِذَا كَانَ يَوْمَ الْقِيَامَةِ صَفَّحَتْ لَهُ صَفَائِحُ مِنْ نَارٍ».

Nta muntu n'umwe utunze Zahabu cyangwa se Feza akaba atazitangira ukuri kwazo; usibye ko ku muni w'imperuka zizahindurwamo ibizatwikishwa byo mu muriro."¹

Abahanga mu by'ubumenyi bw'idini bose bahuriza ku kuba Zakat ari itegeko ko itangwa muri Zahabu na Feza; n'amafaranga afite itegeko rimwe nk'irya Zahabu na Feza; kuko ari yo yasimbuye Zahabu na Feza mu guhererekanya no guhanahana amafaranga.

Igipimo fatizo cy'amaturu y'ibifite agaciro n'igipimo cyabyo cy'itegeko.

Ni cyo gipimo cya Zahabu cyangwa Feza; kuko amafaranga ari yo yabisimbuye mu biciro, iyo rero byujuje igipimo fatizo icyo gihe gutanga amatuo biba bibaye itegeko.

y'inoti yasimbuye iyo mitungo mu gaciro ko kugura no kugurisha. Iyo ageze ku Nisaab ya kimwe muri byombi, agomba gutangirwa Zakat. Kandi akenshi Nisaab y'amafaranga y'impapuro muri iki gihe ibarirwa hakurikijwe Feza; kuko ihendutse kurusha Zahabu, bityo ayo mafaranga akagera ku Nisaab vuba kurusha uko byaba bikurikijwe Nisaab ya Zahabu. Niba Umuyisilamu atunze umutungo uhwanye n'agaciro k'amagarama magana atanu na mirongo icyenda n'atanu (595g) ya Feza, kandi uwo mutungo ukamara umwaka wose uri kuri we, Zakat

¹ Yakiriwe na Bukhari, numero (1402), na Muslim numero (2287).

igomba gutangwa kuri uwo mutungo. Ku bw'uko agaciro ka garama ya Feza gihora gihinduka igihe ku gihe, ufite umutungo muke utamenya niba wageze kuri Niswaab cyangwa utarayigeraho, abaze abacuruzi ba Feza agaciro ka garama ya Feza, hanyuma ako gaciro agahakuba na (595), ikivuyemo kikaba ari Niswaab.

Inyunganizi: Iyo ashaka gutanga amaturo y'itegeko ku mutungo we; agabanya (Nisaab) ku mironko ine, ibivuyemo ni umubare w'itegeko agomba gutanga.

Icya kane: Zakat y'ibicuruzwa.

Ni ibyazigamiwe ubucuruzi hagamiywe inyungu. Ibicuruzwa bikubiyemo amoko yose y'umutungo utari amafaranga; nk'imodoka, imyambaro, ibitambaro, icyuma, imbaho, n'ibindi byose byagenewe ubucuruzi.

Ibisabwa kugira ngo Zakat y'ibicuruzwa ibe itegeko:

1- Kuyegukana abiheshejwe n'ibikorwa bye; nko kugura no kugurisha, gukodesha, n'ubundi buryo bw'imirimo imwinjiriza.

2- Kuyitunga afite umugambi w'ubucuruzi; ni ukuvuga ko agambiriye kuyungukiramo, kuko ibikorwa byose bihemberwa hashingiwe ku migambi bikoranywe, kandi ubucuruzi ni igikorwa, bityo bikaba ngombwa ko umugambi ugendana na bwo nk'ibindi bikorwa.

3- Kuba agaciro kayo kageze ku gipimo fatizo

(Nisab) cy'umwe mu by'agaciro byombi: zahabu cyangwa ifeza.

4- Kuba hashize umwaka wuzuye, ari byo kurangira k'umwaka.

Uburyo Zakat y'ibicuruzwa itangwamo:

Ibicuruzwa byo gucuruza bigenwa agaciro igihe umwaka wuzuye urangira, hagendewe ku gaciro ka kimwe muri byombi: Zahabu cyangwa Feza. Iyo ipimwe agaciro kandi ikagera ku gipimo fatizo, hakurikijwe kimwe muri Zahabu cyangwa Feza; atange Zakat ingana na kimwe cya kane cy'icya cumi (2.5%) cy'agaciro kayo.

Icy'a gatanu: Zakat yo gusiburuka (Al Fitw'ri):

Ni ituro ry'itegeko ritegetswe mu kurangiza ukwezi kwa Ramadhani Iyo Zakat yagizwe itegeko mu mwaka wa kabiri Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yimukiye i Madinat.

Itegeko ryayo:

Zakat yo gusiburuka (Al Fitw'ri) ni itegeko kuri buri muyisilamu ufite ibyo kurya ku manywa y'irayidi no mu ijoro ryayo bimuhagije we n'ab'iwe. Kandi ni itegeko kuri buri muyisilamu; yaba igitsina gabo cyangwa igitsina gore, muto cyangwa mukuru, uw'umudendezo cyangwa umucakara, Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«فَرَضَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ زَكَاةَ الْفِطْرِ عَلَى الْعَبْدِ وَالْحُرِّ، وَالذَّكَرِ وَالْأُنثَى، وَالصَّغِيرِ وَالْكَبِيرِ، مِنَ الْمُسْلِمِينَ».

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse Zakat yo gusiburuka (Al Fitw'ri) ku mucakara n'uwigenga, ku gitsinagabo n'igitsinagore, ku muto no ku mukuru, mu bayisilamu.¹ Kandi ijambo “Farada” risobanuye gutegeka.

Ubugenge buri mu itegeko ryo gutanga Zakatul Fitri:

Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati:

«فَرَضَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ زَكَاةَ الْفِطْرِ؛ طُهْرَةً لِلصَّائِمِ مِنَ اللَّغْوِ وَالرَّفَثِ، وَطُعْمَةً لِلْمَسَاكِينِ».

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse gutanga Zakat yo gusiburuka (Al Fitw'ri); mu rwego rwo kweza igisibo cy'uwasibye amagambo mabi yavuze, no mu rwego rwo kugaburira abakene.²

Igihe cy'itegeko itangwamo:

Igihe cy'itegeko cyo gutanga Zakat ul Fit'ri ni igihe izuba rirenze mu ijoro buri bucyeye ari irayidi. Bikaba na byiza kuyitanga ku munsu w'irayidi, ariko bigakorwa mbere yo kujya gusali irayidi. Ntibyemewe kuyikereza ngo itangwe nyuma y'Isawat y'irayidi. Iyo rero umuntu ayikereje akayitanga nyuma yo gusali, aba ategetswe

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri numero (1432), na Muslim kuri numero (984).

² Yakiriwe na Abu Dawud (1609), na Ibn Majah (1827), na Al Albanii muri Swahih Sunan Abi Dawud (1609) yavuze ko ari impamo.

kuyitanga nk'uwishyura, ariko aba akoze icyaha kuyikereza igihe cyayo cyagenwe kikarenga.

Biranemewe kandi kuyitanga mbere irayidi ibura umunsi umunsi umwe cyangwa ibiri.

Ingano y'ibitangwa ndetse n'ubwoko bw'ibiribwa biyitangwamo:

Hatangwa igipimo kingana na Swa'a mu biribwa bisanzwe bimenyerewe n'abatuye ako gace, nk'umuceri, itende, uburo n'ibindi. Ingano y'igipimo cya Swa'a, ni hafi ibiro bitatu. Ntibyemewe gutanga agaciro kabyo, nko kubisimbuza gutanga amafaranga, kuko byaba binyuranye n'itegeko ry'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Gutanga amaturu (Zakat) n'abayahabwa.

Igihe cyo kuyitanga:

Ni itegeko gutanga amaturu y'itegeko (Zakat) ako kanya iyo igihe cyayo cy'itegeko kigeze. Ntibyemewe kandi gucyereza gutanga amaturu y'itegeko keretse habayeho impamvu ya ngombwa, nko kuba umutungo uri mu bihugu bya kure, nta n'undi babishinga.

Ahantu itangwa:

Ibyiza ni uko itangwa muri icyo gihugu iherereyemo. Biremewe kandi kuyimurira mu kindi gihugu kubera zimwe mu mpamvu zikurikira:

A- Igihe muri icyo gihugu nta muntu ukeneye kuyihabwa.

b- Igihe habonetse umwe mu banyamuryango ba

bugufi uherereye mu kindi gihugu.

c-Iyo habayeho inyungu zemewe mu mategeko y'ubuyisilamu zisaba kuyimurira ahandi, urugero: Nko kuyimurira mu bice by'abayisilamu bagwiriwe n'ibiza by'amapfa n'imyuzure.

Amaturo y'itegeko ategetswe gutangwa mu mutungo w'umwana utarageza imyaka y'ubukure n'ufite uburwayi bwo mu mutwe, kubera imvugo za gihamya zaje zibivuga mu buryo bwa rusange, icyo gihe bayatangirwa n'umuhagararizi wabo. Kandi ntabwo byemewe gutanga amaturo keretse umuntu yabanje kubigirira umugambi ku mutima. Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«إِنَّمَا الْأَعْمَالُ بِالنِّيَّاتِ».

Mu by'ukuri ibikorwa byose bihemberwa hashingiwe ku mugambi bikoranywe¹.

Abahabwa Zakat:

Abantu b'ingeri umunani ni bo bahabwa Zakat:

Icyiciro cya mbere: Abatishoboye:

Ni ba bandi batabona ibyo bacyeneye by'ibanze nk'aho kuba, ibyo kurya, n'imyambaro. Ikigero cy'ayo bahabwa mu maturo ni ibibahagije bo ubwabo n'abo batunze gihe kingana n'umwaka wose.

Itsinda rya kabiri: Abakene:

¹ Yakiriwe na Bukhari numero (1), na Muslim numero (1907).

Ni babandi babona byinshi ariko bitabahagije, nk'umuntu ufite umushahara ariko ukaba utamuhagije umwaka wose.

Igipimo cy'ibyaho bahabwa mu maturo: Ni ibibahaza n'ibibahaza imiryango yabo mu gihe kingana n'umwaka umwe.

Igice cya gatatu: Abasaruzi bayo.

Ni ba bandi umuyobozi aha inshingano zo gusaruzi no gukusanya Zakat, cyangwa se bakazicunga neza bakazigeza ku bo zigenewe.

Ikigero cy'ibyaho bahabwa mu maturo, ni ikingana n'igihembo cy'ibyaho bakoze, igihe badafite umushahara bahembwa na Leta.

Igice cya kane: Abo imitima yabo ikundishwa ukwemera.

Ni ba bandi bose kugira icyo ubaha haba hizewe ko hari ubwo baba abayisilamu, cyangwa se ukwemera kwe kugakomera, cyangwa se akarekera aho kubuza amahoro abayisilamu.

Ingano y'amaturo bahabwa: Ni iyi ngana n'ibyatumye imitima yabo yoroha.

Icyiciro cya gatanu: Guha ubwigenge abacakara:

Ikigamijwe ni ukubohora umucakara n'abafite amasezerano yo kuva mu bucakara mu gihe runaka.

Umugaragu wagiranye amasezerano na Sebuja, ni wa mucakara wemereye Sebuja ikiguzi runaka kugira ngo ave mu bucakara. Aha haninjiramo imbohe n'imfungwa z'abayisilamu zafatiwe mu

ntambara.

Itsinda rya gatandatu: Abaremerewe n'amadeni, ariko nabo bagabanyijemo amoko abiri:

Icya mbere: Ni ufite ideni kubera ibyo akeneye we ubwe, ariko akabura uburyo bwo kuryishyura. Icyo gihe ahabwa ibihagije ngo yishyure ideni rye.

Icya kabiri: Umuntu ufite ideni kubera ashaka kunga isano n'umubano. Ahabwa ibimufasha kwishyura ideni rye ryose n'ubwo yaba yishoboye.

Icyiciro cya karindwi: Abari mu nzira ya Allah: Ni abaharanira inzira ya Allah.

Ingano y'ibyo bahabwa muri ayo maturo: Ni ibibahagije bacyeneye ku rugamba rwo guharanira inzira ya Allah; nk'ibyo kugendaho, intwaro, ibiribwa, imiti n'ibindi.

Icyiciro cya munani: Umuntu uri ku rugendo.

Ni umuntu uri ku rugendo iimpamba ye yashiranye, cyangwa se akaba yibwe, akaba ntacyo asigaranye mu mutungo wamugeza iwabo.

Ikigero cy'amaturo bahabwa: Ni ibyamushoboza gusubira mu gihugu cye kabone n'iyo yaba yishoboye.

Igice cya kane: IGISIBO:

Igisibo ni:

Ukugaragira Allah wigomwa ibyo ari byo byose byatuma usiburuka guhera umuseke utambitse kugeza izuba rirenze.

Ni imwe mu nkingi z'ubuyisilamu. Ndetse ni

n'itegeko mu mategeko y'Imana Isumba byose. Igisibo kirazwi mu idini ku buryo bidashidikanywaho. Igitabo cya Allah, n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ndetse n'Abayisilamu bose babyemeranyijweho ko igisibo ari itegeko.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿شَهْرُ رَمَضَانَ الَّذِي أُنزِلَ فِيهِ الْقُرْآنُ هُدًى لِّلنَّاسِ وَبَيِّنَاتٍ مِّنَ الْهُدَىٰ
وَالْقُرْآنِ فَمَن شَهِدَ مِنْكُمُ الشَّهْرَ فَلْيَصُمْهُ...﴾

{Ukwezi kwa Ramadhan ni ko kwamanuwemo Qur'an, (kugira ngo ibe) umuyoboro ku bantu n'ibimenyetso bigaragara by'umuyoboro (wa Allah) binatandukanya ukuri n'ikinyoma. Ku bw'ibyo, muri mwe uwo uko kwezi kuzasanga azagusibe...} [Qur'an 2: 185]

Impamvu zituma igisibo cya Ramadhan kiba itegeko:

1- Ubuyisilamu; kubera ko Iswala itakwemerwa iramutse ikozwe n'umuhakanyi.

2- Kuba aciye akenge akuze; bityo ntabwo iba itegeko ku mwana muto. Ariko umwana muto umaze guca akenge, igisibo cye kiremerwa, icyo gihe kiba ari umugereka kuri we.

3- Ubwenge; igisibo ntigitegekwa umusazi, nta n'ubwo cyemerwa, kubera ko nta mugambi yagikoranye.

4- Kuba ushoboye gusiba. Ntabwo gitegetswe

umurwayi utagishobora. cyo kimwe n'umuntu uri ku rugendo, Ahubwo bo bishyura iyo minsi batasibye igihe za mpamvu zirangiye: nk'indwara cyangwa se urugendo. Kugira ngo igisibo cy'umugore cyemerwe agomba kuba amaraso ye y'imihango n'ibisanza yararekeye aho.

Itangira ry'ukwezi kwa Ramadhan ryemezwa na kimwe mu bintu bibiri, ari byo:

A- Kubona ukwezi kwa Ramadhani. Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«صُومُوا لِرُؤْيَيْتِهِ، وَأَفْطِرُوا لِرُؤْيَيْتِهِ».

Nimukubona mujye mu gusiba, nimunakubona mujye musiburuka"¹.

B- Kuzuza iminsi mirongo itatu y'ukwezi kwa Shabani, iyo hatabonetse ukwezi kwa Ramadhan, cyangwa kugaragara kwako kukaba gukingirijwe n'ibicu, cyangwa umukungugu, cyangwa se ibindi bisa n'ibyo, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«فَإِنْ غَمَّ عَلَيْكُمْ؛ فَأَكْمِلُوا عِدَّةَ شَعْبَانَ ثَلَاثِينَ يَوْمًا».

Ariko nimukingirizwa n'ibicu; mujye mwuzuzwa iminsi mirongo itatu y'ukwezi kwa Shabani."².

Kugira umugambi wo gusiba:

Igisibo, nk'ibindi bikorwa byo kugaragira Allah,

¹ Yakiriwe na Bukhari numero (1810), na Muslim numero (1086).

² Yakiriwe na Bukhari, numero (1909).

nticyemerwa keretse umuntu agikoranye umugambi. Ibihe biba ari itegeko kugira umugambi mu gisibo cy'itegeko biratandukanye bisobanurwa mu buryo bakurikira:

Icyamba mbere: Igisibo cy'itegeko; nko gusiba igisibo cya Ramadhan, cyangwa gusubiza wishyura iminsi yagutambutseho, cyangwa se gusiba igisibo cy'umuhigo; umugambi wacyo ugomba kugirwa mu ijoro mbere y'uko umuseke utambika. Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«مَنْ لَمْ يُبَيِّتِ الصَّيَّامَ مِنَ اللَّيْلِ فَلَا صِيَامَ لَهُ».

"Umuntu utagize umugambi guhera mu ijoro, nta gisibo abarirwa."¹

Icyamba kabiri: Igisibo cy'umugereka, biremewe ko umuntu yagira umugambi wo kugisiba ku manywa. Ariko aba asabwa kuba nta kindi yafashe cyo kurya mu gitondo.

Ibyangiza igisibo.

Icyamba mbere: Imibonano mpuzabitsina: igihe cyose umuntu ayikoze, gusiba kwe biba imfabusa, ndetse agasabwa kwishyura wa munsu wakoreyeho iyo mibonanano. Ikindi aba agomba gukora nuko yishyura wa munsu ndetse agatanga n'icyiru ari cyo cyo guha ubwigenge umucakara. Iyo atamubonye asiba amezi abiri akurikiranye. Iyo atabishoboye

¹ Yakiriwe na Ahmad (26457), na Abu Dawud (2454), na A-Nasa'iy (2331) n'iyi mvugo ni iye.

kubera impamvu yemewe n'amategeko ategetswe kugaburira abakene mirongo itandatu, buri mukene ahabwa igice cya Swa'a y'ibiribwa muri ako gace.

Icy a kabiri: Gusohokwamo n'intanga kubera gusomana, cyangwa gukorakoranaho, cyangwa kwikinisha, cyangwa kureba kenshi; icyo gihe aba agomba kwishyura uri ya munsu ariko ntatanga icyiru, kubera ko icyiru cyihariye igihe habayeho gukora imibonano mpuzabitsina. Naho umuntu wari uryamye akirotera, hakagira ikimusohokamo ntacyo abazwa, kuko byabayeho atari ku mahitamo ye, icyo gihe yiyuhagira ijanaba agakomeza.

Icy a gatatu: Kurya no kunywa ku bushake: Kubera imvugo ya Allah igira iti:

﴿وَكُلُوا وَاشْرَبُوا حَتَّىٰ يَتَبَيَّنَ لَكُمُ الْخَيْطُ الْأَبْيَضُ مِنَ الْخَيْطِ الْأَسْوَدِ مِنَ الْفَجْرِ ۚ ثُمَّ أَتُمُوا الصَّيَامَ إِلَى الْوَيْلِ...﴾

{Mujye murya munanywe kugeza igihe mubasha gutandukanya umucyo w'amanywa n'umwijima w'ijoro igihe umuseke utambitse. Maze mwuzuze igisibo kugeza izuba rirenze}. [Qur'an 2: 187]

Naho uwibagiwe akarya cyangwa akanywa, nta cyaha abarwaho. Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«مَنْ نَسِيَ وَهُوَ صَائِمٌ، فَأَكَلَ أَوْ شَرِبَ، فَلْيَتِمَّ صَوْمَهُ، فَإِنَّمَا أَطَعَمَهُ اللَّهُ وَسَقَاهُ.»

"Umuntu wasibye akibagirwa akarya cyangwa

akanywa, azakomeze igisibo cye, kuko Allah ari We wamugaburiye kandi akamunyweshwa."¹

Icy a kane: Kuruka ku bushake, ariko uwarutse atabigambiriye ntibigira ingaruka ku gisibo cye. Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«مَنْ دَرَعَهُ الْقِيُّ فَلَيْسَ عَلَيْهِ قَضَاءٌ، وَمَنْ اسْتَقَاءَ عَمْدًا فَلَيْقُضُ.»

"Uwarutse atabigambiriye, nta cyo asabwa kwishyura; naho uzirikisha abigambiriye, azishyure uwo muni."²

Icy a gatanu: Kuva amaraso aturutse mu mubiri we; binyuze nko mu kurumikwa, cyangwa gutobora umutsi w'amaraso, cyangwa gutanga amaraso ugamije, icyo gihe arasiburuka. Naho ukuwemo amaraso macye nk'ayo bashaka gupima; ibyo ntacyo bihungabanya ku gisibo. Ni nk'uko kuva kw'amaraso bitari ku bushake bwe; nko kuva imyuna, cyangwa se igikomere, cyangwa gukurwa iryinyo; ntibigira ingaruka ku gisibo.

Abemerewe kudasiba mu gisibo cya Ramadhan:

Igice cya mbere: Abemerewe kudasiba, bakazishyura iyo minsi nyuma:

Icy a mbere: Umuntu urwaye indwara afite icyizere cyo gukira, kandi gusiba bimugiraho ingaruka cyangwa se bikamugora nabi.

Icy a kabiri: Umuntu uri ku rugendo; yaba

¹ Yakiriwe na Al Bukhariy (6669), na Muslim (2709).

² Yakiriwe na Abu Dawud (2380), na Tirmidhi (719), na Ibn Majah (676).

yagowe no gusiba cyangwa se bitamugoye.

Gihamya yabyo byombi ni invugo ya Allah igira iti:

﴿...وَمَنْ كَانَ مَرِيضًا أَوْ عَلَىٰ سَفَرٍ فَعِدَّةٌ مِّنْ أَيَّامٍ أُخَرَ...﴾

(N'uzaba arwaye cyangwa ari ku rugendo (gusiba bikamugora, azarye) maze azuzuze umubare (w'iminsi atasibye) mu yindi minsi. [Qur'an 2: 185]

Icy a gatatu: Umugore utwite cyangwa uwonsa, iyo gusiba bibagoye, cyangwa bikabagiraho ingaruka bo ubwabo cyangwa se ku bana babo, aba bafatwa nk'umurwayi mu mategeko y'igisibo, bo bombi bemerewe gusiburuka. Ariko bombi bategetswe kwishyura igisibo mu kindi gihe.

4- Umugore uri mu mihango n'ibisanza, aba ni itegeko kuri bo kudasiba. Ndetse banasibye igisibo cyabo nticyakemerwa, ahubwo baba bagomba kuzishyura mu yindi minsi.

Igice cya kabiri: Abemerewe gusiburuka, ariko bakaba bategetswe gutanga icyiru batishyuye ari bo:

Icy a mbere: Umurwayi ufite uburwayi aidafite icyizere cyo kuzakira.

Icy a kabiri: Umuntu ugeze mu zabukuru ukaba adashoboye gusiba.

Aba bose barasiburuka, buri muni mu minsi y'ukwezi kwa Ramadhan bakagaburira umukene umwe. Naho iyo umusaza cyangwa umukecuru

ageze ku rwego rwo kubura ubwenge kubera ubusaza (ubusaza bwo mu mutwe), kurebwa n'amategeko ntibimureba; bityo ntasiba kandi nta cyo asabwa.

Igihe cyo kwishyura n'itegeko rireba uwacyereje kwishyura.

Ni itegeko kwishyura igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhan hagati yacyo n'ukwezi kwa Ramadhan kuzakurikiraho. Ariko ibyiza ni ukwihutira kwishyura. Ntibyemewe gucyereza kwishyura iminsi umuntu atasibye kugeza nyuma y'ukwezi kwa Ramadhan gukurikira. Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati:

«كَانَ يَكُونُ عَلَيَّ الصَّوْمُ مِنْ رَمَضَانَ، فَمَا أَسْتَطِيعُ أَنْ أَقْضِيَ إِلَّا فِي شَعْبَانَ
لِمَكَانِ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ».

"Nabaga mfite iminsi ntasibye y'igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhan sinshobore kwishyura usibye mu kwezi kwa munani (Shaban), kubera kwitaho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)¹.

Uwo ari we wese ukerereje kwishyura iminsi atari yasibye akageza nyuma ya Ramazani ikurikiyeho, aba asabwa kimwe mu bintu bibiri:

1 - Gucyerereza kwishyura ya minsi yasibye ku mpamvu zemewe mu mategeko ya Kiyisilamu, nko kuba yaba akirwaye indwara yamubujije gusiba

¹ Yakiriwe na Bukhari, kuri nimero (1849), na Muslim kuri nimero (1846).

kugeza mu kundi kwezi kwa Ramadhan gukurikiraho; icyo gihe asabwa kwishyura gusa iyo minsi.

2- Kugitinda nta mpamvu yemewe n'amategako; bityo aba akoze icyaha kubera gutinda, kandi agomba kwicuza kwa Allah, akagisubiza, kandi akagaburira umukene kuri buri muni.

Igisibo cy'umugereka ku muntu ufite igisibo azishyura:

Umuntu ufite iminsi yo kwishyura y'ukwezi kwa Ramadhan, ni byiza kwihutira kuyisiba mbere y'igisibo cy'umugereka. Ariko iyo ari igisibo cy'inyongera gifite igihe ntarengwa, nko gusiba umunsi wa cyenda witwa Arafat na Ashura, icyo gihe yemerewe kuwusiba mbere yo kwishyura, kubera ko imbere ye hakiri igihe cyo, naho gusiba Ashura, na Arafat, igihe cyabyo kirarangira. Ariko ntakwiye gusiba iminsi itandatu y'ukwezi kwa Shawwal keretse nyuma yo kwishyura iminsi umuntu atasibye.

Igisibo biziririjwe.

1- Gusiba ku muni w'irayidi yo gusiburuka, no ku muni w'irayidi y'igitambo; kubera ko ibujijwe.

2- Gusiba iminsi ya Tashriq y'ukwezi kwa Dhul-Hijjah, ya nyuma y'irayidi y'igitambo. Usibye umuntu uri gukora umutambagiro mutagatifu wo mu bwoko bwa Tamatu'u na Qiran igihe batabonye igitambo. Iminsi ya Tashriq ni: umunsi wa cumi na rimwe, uwa cumi na kabiri, n'uwa cumi na gatatu yo

mu kwezi kwa cumi na kabiri (Dhul Hijja).

3- Umunsi ushidikanywaho kubera uko gushidikanya, ari wo umunsi wa mirongo itatu w'ukwezi kwa munani (Sha'aban). Iyo ijoro ry'uko kwezi ririmo ibicu cyangwa umukungugu bigatuma umuntu atabona ukwezi.

Ibihe bitari byiza gusiba:

A-Gusiba ukwezi kwa Rajabu konyine. B- Gusiba umunsi wa gatanu wa Idjuma wonyine, kuko bibujijwe. Ariko iyo asibye umunsi umwe mbere yawo cyangwa nyuma yawo, ntabwo biba bibujijwe.

Ibihe by'umugereka kubisiba:

A- Gusiba iminsi itandatu y'ukwezi kwa cumi (Shawal). B-Gusiba iminsi icyenda y'ukwezi kwa cumi n'abiri kwa Kisilamu, by'umwihariko gusiba umunsi wa cyenda w'ukwezi kwa cumi n'abiri kwa Kisilamu (Arafat); usibye umuntu ukora umutambagiro mutagatifu, ntibyemerewe kuwusiba, kandi kuwusiba bituma uwusibye ababarirwa imyaka ibiri. C- Gusiba iminsi itatu ya buri kwezi, kandi byiza kurushaho yayisiba mu minsi ya Bedha, ari yo (13, 14, 15) ya buri kwezi ukurikije imboneko z'ukwezi. D-Gusiba kuwa mbere no kuwa kane bya buri cyumweru; kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isiba iyo minsi; no kubera ko imirimo y'abagaragu izamurwa kuri iyo minsi.

Gusiba by'umugereka.

A- Igisibo cya Dawudi (Imana imuhe amahoro), yasibaga umunsi umwe, undi ntiwusibe.

B- Igisibo cy'ukwezi kw'Imana kwa mbere kwitwa Muharam, kukaba ari ukwezi kwiza kuruta ayandi kugusibamo, by'umwihariko umunsi wako wa cumi witwa Ahura-u, ushobora no kuwusibana n'uwa cyenda, kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَيْسَ بَقِيَّةَ إِلَى قَابِلٍ لِأَصْوَمَنَّ التَّاسِعَ».

«Nindamuka mbayeho kugeza umwaka utaha, nzasiba umunsi wa cyenda»¹. Kandi kuwusiba bituma ubabarirwa ibyaha by'umwaka wabanje.

Umutwe wa gatanu: Umutambagiro mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat).

Umutambagiro mutagatifu mu rurimi rw'icyarabu: Ni ukugambirira. Mu rwego rw'amategeko: Ni ukugambirira kwerekera ku ngoro ya Allah Ntagatifu (iri i Maka) n'ahantu hatagatifu mu gihe runaka, agamije kujya gukora imihango runaka.

Naho umutambagiro muto (Umrat) mu rurimi: Ni ugusura.

Naho mu mategeko: Ni ugusura ingoro ya Allah ntagatifu (iri i Maka) mu gihe icyo ari cyo cyose ugambiriye gukora ibikorwa runaka.

Umutambagiro mutagatifu mukuru (Hidja) ni

¹ Yakiriwe na Muslim (1134).

imwe mu nkingi z'ubuyisilamu zibugiye. Igisibo cyabaye itegeko mu mwaka wa cyenda ubarwa uhereye igihe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyimukiye ivuye i Makat igiye i Madinat. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoze umutambagiro mutagatifu inshuro imwe; ari wo mutambagiro wayo wa nyuma wo gusezera.

Umutambagiro mutagatifu utegetswe inshuro imwe mu buzima ku muntu ubifitiye ubushobozi, Urengajeho biba ari umugereka. Naho ku bijyanye n'umutambagiro muto (Umrat), nawo ni itegeko nk'uko abahanga benshi mu bumenyi bw'idini babivuga. Gihamya yabyo ni imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yari ibajijwe iti: 'Ese abagore nabo bategetswe guharanira inzira y'Imana (Djihad)? Intumwa irabasubiza iti:

«نَعَمْ، عَلَيْهِنَّ جِهَادٌ لَا قِتَالَ فِيهِ: الْحُجُّ وَالْعُمْرَةُ».

"Yego, nabo bategetswe guharanira inzira y'Imana (Djihad) ariko itarimo imirwano, ari yo: Umutambagiro mutagatifu mukuru (Hidjat) n'umuto (Umrat)¹.

**Ibituma umutambagiro mukuru (Hidja)
n'umuto (Umrat) iba itegeko:**

1-Ubuyisilamu.

¹ Yakiriwe na Ahmad (25198), na A-Nasa'iy (2627), na Ibun Majah (2901).

- 2- Ubwenge.
- 3- Ubukure.
- 4- Ubwisanzure utari mu bucakara.
- 5- Ubushobozi.

Ku mugore hiyongeraho icya gatandatu: ari cyo cyo kuba aherekejwe n'uziririjwe kumurongora umuherekeza bakajyana. Kuko ntibyemewe ko umugore akora urugendo aya gukora umutambagiro cyangwa se urundi rugendo atari kumwe n'uziririjwe kumurongora (Mahram, cyangwa se umugabo we). Kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«لَا تُسَافِرُ الْمَرْأَةُ إِلَّا مَعَ ذِي مَحْرَمٍ، وَلَا يَدْخُلُ عَلَيْهَا رَجُلٌ إِلَّا وَمَعَهَا مَحْرَمٌ».

"Umugore ntazakore urugendo keretse ari kumwe n'uziririjwe kumurongora (Mahram), kandi nta mugabo wemerewe kwinjira aho ari keretse ari kumwe n'uziririjwe kumurongora."¹

Mah'ram w'umugore ni: Umugabo we, cyangwa se uziririjwe kumurongora mu buryo bwa burundu; Ku bw'isano ry'amaraso; nk'umuvandimwe we, se, se wabo, umwisengeneza we, nyirarume. Cyangwa se kubera impamvu yemewe n'amategeko y'idini; nka musaza we bonse ibere rimwe, cyangwa muramu we, nk'umugabo wa nyina, n'umuhungu w'umugabo we.

¹ Yakiriwe na Al Bukhariy, numero (1862), na Muslim numero (1341).

Ubushobozi: Ni ubushobozi bw'umutungo n'ubw'umubiri, ku buryo ashobora kwurira ikigenderwaho akihanganira urugendo, kandi akabona amafaranga amuhagije mu kugenda no mu kugaruka. Kandi akabona ibihagije abana be n'abandi ashinzwe gutanga kugeza ubwo agarutse.

Kandi inzira anyuramo agiye mu mutambagiyo mutagatifu ikwiye kuba itekanye kuri we no ku mutungo we.

Ufite ubushobozi bw'amafaranga ariko adafite ubw'umubiri, nko kuba ashaje cyane ageze mu zabukuru cyangwa arwaye indwara y'igihe kirekire adateganya gukira vuba; ni itegeko kuri we kugena undi uzamukorera umutambagiyo mukuru n'umuto.

Ibisabwa kugira ngo usimbura undi mu mutambagiyo mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat) byemerwe ni ibintu bibiri:

1- Kuba ari mu bemerewe kuzusa itegeko ry'umutambagiyo mutagatifu mukuru (Hidja), ari umusilamu wujuje imyaka y'ubukure kandi ufite ubwenge.

2- Kuba yarabanje kwikorera umutambagiyo ku giti cye.

Aho abantu bagirira umugambi wo gutangira igikorwa cy'umutambagiyo mutagatifu mukuru n'umuto, n'ibihe byagenwemo gutangira icyo gikorwa:

Al Mawaqit: Ni ijambo mu bwinshi rya Miqat; mu mvugo risobanura imbibi. Mu mategeko y'Idini: ni ahantu hakorerwa ibikorwa byo kwiye gereza Allah cyangwa se ibihe ikorwamo.

Ku mutambagiho mutagatifu mukuru (Hidja) hari ibihe byagenwe n'ahantu hagenwe ho kugirira umugambi (Al Mawaqit):

A- Ibihe byagenwe by'igihe: Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿الْحَجُّ أَشْهُرٌ مَّعْلُومَةٌ فَمَنْ فَرَضَ فِيهِنَّ الْحَجَّ...﴾

(Umutambagiho mutagatifu wa Hija ukorwa mu mezi azwi. Bityo, uzaba yiyemeje kuyakoramo umutambagiho mutagatifu wa Hija...) [Qur'an 2: 197]

Ayo mezi ni aya akurikira: Ukwezi kwa cumi (Shawal), n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Dhul-Qa'da), n'iminsi icumi ya mbere y'ukwezi kwa cumi na kabiri (Dhul-Hijja).

B- Ahantu ho gutangirira umutambagiho: Ni imbago ntarengwa z'ahantu zitemewe ko umuntu ugiye mu mutambagiho mukuru azirenga ajya i Maka atagize umugambi (wo gukora umutambagiho). Ni izi zikurikira:

1- Ahitwa Dhul-Hulay'fat ku bantu b'i Madina.

2- Al-Djuh'fat: ku bantu baturutse Sham, Misiri no mu bice bya Maghreb ndetse n'abahanyura.

3- Qarnul-Manaazil: kuri ubu haziwi nka A-Sail; miqaat y'abantu baturutse Najd.

4- Dhat Ir'q (ku bantu baturutse Iraki n'abahanyura).

5- Yalamlam (ku bantu batutse Yemeni n'abahanyura).

Umuntu utuye ahataro hariya hantu havuzwe; agirira umugambi wo gukora umugambi mukuru (Hidjat) n'umuto (Umrat) mu nzu ye. Naho abatuye i Makat; niho bagirira umugambi, kandi ntibakeneye gusohoka ngo bajye ku hantu hagenwe ho kugirira umugambi. Naho umutambagiyo muto (Umrat); barabanza bakajya ahari hafi hanze y'imbago z'ubutaka butagatifu, bakabona kugira umugambi wo gukora umutambagiyo mutagatifu muto. Umuntu wese ushaka umutambagiyo mukuru (Hidjat) cyangwa umuto (Umrat), ni itegeko ko agirira umugambi kubyo byombi mu hantu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagennye, ari zo mbago zabugenewe (Miiqaat) z'ahantu twasobanuriye mbere. Ntibyemewe ko umuntu ufite umugambi wo gukora umutambagiyo mukuru n'umuto aharenga nta mugambi ahagiriye.

N'undi wese unyuze aha tumaze kuvuga n'ubwo yaba atari uwaho, ni ho nawe agirira umugambi.

Ujya i Maka, kandi atanyura ku mbago zabugenewe (Miiqaat) zavuzwe, yaba ari mu nzira y'ubutaka, mu mazi cyangwa mu kirere; agirira umugambi iyo ageze ahateganye n'imbago zabugenewe (Miiqaat) zimwegereye kurusha

izindi. Kubera imvugo ya Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Mujye munyura mu nzira yanyu."¹

Umuntu uri mu rugendo rwo gukora umutambagiyo mukuru n'umuto akoresheje indege; ni itegeko kuri we agirira umugambi igihe indege igeze ahateganye n'ahantu bagirira umugambi kiri mu nzira yayo, Ntiyemerewe kubicyereza kugeza aho indege igereye ku butaka.

Kugira umugambi wo gukora umutambagiyo mutagatifu mukuru cyangwa se umuto:

Ni ukugira umugambi wo gutangira ibikorwa byo mu muhango w'umutambagiyo mutagatifu. Ku bijyanye n'umutambagiyo mutagatifu mukuru (Hidjat), ni ukugira umugambi wo gutangira Hidjat. Kandi mu mutambagiyo muto (Umrat), ni ukugira umugambi wo kuwukora. Umuntu ntiyitwa ko ari mu Ihram keretse iyo yagize umugambi wo gutangira ibikorwa byo mu mihango ikorwa mu mutambagiyo mutagatifu. Naho kwambara gusa imyambaro ya Ihram utabigize umugambi, ntabibarwa nka Ihram.

Ibikorwa byashishikarijwe ku muntu wambaye Ihram:

1- Kwiyuhagira umubiri wose mbere yo kwinjira mu ihramu.

2- Kwisiga imibavu ku mubiri w'umugabo, atari

¹ Yakiriwe na Bukhari, numero (1531).

ku myambaro ye ya Ihram.

3- Kwambara imyambaro ya Ihram, ikaba ari umukenyero n'umwitero by'umweru, n'amasandali abiri.

4- Kwinjira mu mimerere y'ihiramu ari yuriye, yerekera aho abayisilamu berekera basali (Qib'la).

Amoko y'umutambagiyo mutagatifu mukuru (Hidjat):

Umuntu wambaye imyambaro ya Ihram ahabwa guhitamo mu buryo butatu bwo gukora umutambagiyo mutagatifu, ubu bukurikira:

1- At-Tamattu-u: Ni uko umuntu akambara imyambaro ye ya Ihram agambirira Umrat mu mezi yo gukora Hidja, akayisoza agakuramo imyambaro ye ya Ihram mu buryo bwuzuye, hanyuma akongera akambara imyambaro ye ya Ihram agambirira Hidja muri uwo mwaka.

2- Ifiradi; bisobanura ko umuntu afata umugambi w'umutambagiyo mukuru gusa ku ho byagenwe ho gutangirira umugambi (miqat), kandi akaguma ku mugambi we kugeza asoje imihango y'umutambagiyo mukuru.

3- AL QIRAN: Ni ugufata umugambi wa HIJA n'uwa UMRAT icyarimwe; cyangwa ugafata umugambi wa UMRAT, hanyuma ukongeraho HIJA mbere yo gutangira kuzenguruka k'UMRAT. Bityo ugirira umugambi UMRAT na HIJA ku hantu habugenewe gutangirira, cyangwa ukongeraho HIJA mbere yo gutangira kuzenguruka k'UMRAT;

maze ukabikorera bombi kuzenguruka Inzu Ntagatifu no kugenda hagati ya Safa na Marwa.

Kandi kuri MUTAMATTI na QARIN, bagomba gutanga icyiru, niba batari mu baturiyeye umusigiti mutagatifu w'i Maka.

Mu buryo butatu bw'ibikorwa by'umutambagiro, uburyo bwiza kurusha ubundi ni TAMATU'U; kubera ko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabitegetse abasangirangendo bayo¹. Hanyuma haza QIRAN; kuko ari uguhuriza hamwe umutambagiro mukuru n'umuto, hanyuma hakaza IFRAD.

c) Iyo yambaye umwambaro wa Ihram ku bwo gukora umwe muri iyi mihango y'umutambagiro, ahita avuga amagambo ya LABAYKA, akavuga ati:

«أَتَيْتَكَ اللَّهُمَّ لَبَيْتِكَ، لَبَيْتِكَ لَا شَرِيكَ لَكَ لَبَيْتِكَ، إِنَّ الْحَمْدَ وَالتَّعَمَّةَ لَكَ وَالْمُلْكَ لَا شَرِيكَ لَكَ».

((Ndakwitabye Mana Nyagasani, ndakwitabye Mana, Mana ntawe ufite ubangikanye nawe ndakwitabye(nkumvira), mu by'ukuri ishimwe n'inema n'ubwami n'ibyawe ni wowe ubyihariye ntawe ubangikanye nawe))².

Iki ni umugenzo mwiza (Sunat), kandi bikaba byiza (Mustahabu) kuyivuga kenshi, kandi umugabo ayivuga mu ijwi riranguruye, naho

¹ Yakiriwe na Muslim (1211).

² Yakiriwe na Al Bukhari, kuri numero (1549).

abagore bayivuga bucece.

Igihe cyayo: Gitangirira nyuma yo kwinjira mu Ihramu, naho iherezo ry'igihe cyayo nk'uko bikurikira:

Icyamba mbere: Umuntu uri gukora umutambagiye muto (Umrat) arekeraho kuvugaga LABAYKA mbere y'uko atangira gukora umuzenguruko (Twawaf).

Icyamba kabiri: Uri mu mutambagiye ahagarika Talbiya ye iyo atangiye gutera amabuye kuri Djamarat yo ku munsu w'ilayidi.

Ibujijwe ku muntu wambaye Ihram ni ibi bikurikira:

Icyamba mbere: Kogoshya umusatsi we cyangwa se kuwugabanya, cyangwa se kuwupfura ahari hose ku mubiri we.

Icyamba kabiri: Guca inzara, zaba iz'amano cyangwa se iz'intoki, nta mpamvu ibiteye. Ariko iyo inzara yacitse maze akayikuraho, nta fidiya kuri we.

Icyamba gatatu: Gutwikira umutwe ku gitsinagabo umwambaro umufashe ku mutwe, nk'ingofero n'ikiremba.

Icyamba kane: Ku mugabo kwambara imyenda yadozwe ipimwe ku mubiri we cyangwa ku gice cyawo, nk'ishati, iduku ryo ku mutwe, cyangwa ipantalo. Imyambaro idoze: ni ibiba byakozwe ku ngano y'igice cy'umubiri, nka Khofu, udupfukamaboko n'amasogisi. Naho umugore we yambara imyambaro abonye mu gihe cya Ihram kubera ko akeneye kwikwiza; nyamara ntiyambara

Burqa, ahubwo yitwikira mu buranga bwe akoresheje umwenda yiteze mu mutwe cyangwa umwambaro wo hanze umwikwiza (Jilbab) igihe abonye abagabo badafitanye isano ryo mu muryango. Kandi ntagomba kwambara ga mu biganza bye.

Icy a gatanu: Kwitera imibavu n'ibindi bihumura; kuko umuntu uri mu ihram asabwa kwirinda kwinezeza n'imitako y'isi n'ibinezeza byayo, akibanda ku buzima bwo hanyuma.

Icy a gatandatu: Kwica umuhigo w'inyamaswa yo ku butaka no kuyihiga; bityo umuntu uri mu ihramu ntahiga inyamaswa zo ku butaka, ntagira uruhare mu kuyihiga, kandi ntayibaga.

Kirazira ku muntu wambaye Ihram kurya ibyo yahigiye, cyangwa ibyo byahigwe ku bwe, cyangwa se agafasha mu kubihiga; kuko kuri we bimeze nk'inyama z'inyamaswa yapfuye itabagiwe mu buryo bwemewe.

Naho ku bijyanye n'umuhigo w'inyamaswa zo mu nyanja; ku muntu uri mu mutambagiro mutagatifu mukuru (Hidja) cyangwa se umuto (Umrat) ntabwo bibujijwe kuwuhiga. Kandi ntibimubujijwe kubaga inyamaswa zororerwa mu ngo nk'inkoko n'amatungo y'inka, intama, ihene n'ingamiya; kuko ibyo atari umuhigo.

Icy a karindwi: Gushyingiranwa yaba abyikorera ubwe cyangwa se ari undi ashyingiraniriza, cyangwa se akaba umuhanya.

Icya munani: Gukora imibonano mpuzabitsina; bityo uwabikoze mbere yo gutandukana bwa mbere n'amabwiriza ya Ihram, umutambagiyo we urangirika, kandi agomba gukomeza akarangiza imigenzo y'umutambagiyo; akawusubiramo umwaka ukurikiyeho, kandi ategukwa kubaga ingamiya. Kandi niba byabaye nyuma yo gusoza ibikorwa byo mu mutambagiyo bwa mbere, imihango ye ntiyangirika, kandi agomba gutanga igitambo cy'amaraso.

Kandi umugore muri ibyo ni kimwe n'umugabo, iyo abyemeye ku bushake.

Icya cyenda: Gukora ibibanziriza imibonanano mpuzabitsina; bityo uwambaye Ihram ntiyemerewe kugirana ishimisha mubiri n'uwo bashakanye, kuko ari inzira ishobora kugeza ku mibonano mpuzabitsina ibujijwe. Kandi icyo bivuze ni ugukorakoranaho n'uwo mwashakanye birimo kwifuza imibonano.

Umutambagiyo muto (Umrat):

A- Inkingi z'umutambagiyo muto (Umrat):

1) Kugira umugambi.

2-Gukora umuzenguruko (Twawaaf) kuri Al Kaba

3- Gukora umuzenguruko (Sa'ayi) hagati ya Swafa na Maruwa.

B- Ibikorwa by'itegeko mu mutambagiyo muto (Umrat):

1- Kugira umugambi uhereye ku hantu hagenwe byemewe.

2 - Kogosha umusatsi wose cyangwa se ukawugabanya.

C- Uko umutambagiye mutagatifu muto ukorwa.

Icyamba mbere ukora Umrat akora ni ugukora umuzenguruko (Twawaf) kuri Al Kabat inshuro zirindwi, ahera ku ibuye ry'umukara (Hadjar Al As'wad) akarangiriza aho. Mu gukora Twawafu abe yisukuye, akikwiza ntagaragaze ahafatwa nk'ubwambure kuva ku mukondo kugeza ku ivi. Ni sunat kuri we ko akitera umwitero anyujije mu kwaha mu muzenguruko (Twawaf) wose; uburyo bikorwa: ni ugafuta umwitero akawunyuzanya mu kwaha kw'iburyo, n'impande zawo zombi akazipfundikira ku rutugu rw'ibumoso. Iyo asoje inshuro ya karindwi, areka kuwunyuzanya mu kwaha, maze agatwikira ibitugu byombi n'umwitero we.

Akerekeranya ku ibuye ry'umukara; iyo abashije kurisoma ararisoma, bitabaye ibyo akarishuza akoresheje ikiganza cy'iburyo iyo bimushobokeye, maze agasoma ikiganza cy'iburyo bitamworoheye kurishuza ibuye ry'umukara, yerekeranya azamuye ikiganza cy'iburyo akavuganya aya magambo; (ALLAHU AKBAR: Allah asumba byose) rimwe gusa, ntasome ikiganza cy'iburyo kandi ntahagarare. Hanyuma akomeza mu muzenguruko (Twawaf) we, ashyira Al Kaabat ibumoso bwe; kandi umugenzo mwiza nuko mu

mizenguruko itatu ya mbere ayigenda atera intambwe zegeranye. Ramlu: ni kugenda wihuta utera intambwe zegeranye.

Iyo yagera ahitwa A-RUKNUL YAMANIY (Inkingi ya kane ya Al Kaabat, iri mu cyerekezo cya Yemeni), iyo bimworoheye akarisuhuza akoresheje ikiganza cye cy'iburyo atavuga 'Allahu Akbar' kandi atarisoma, naho iyo bitamworoheye kukarisuhuza arakomeza, nta n'ubwo aripepera kandi ntanavuge 'Allahu Akbar'. Iyo ageze hagati ya A-RUKNUL YAMANI n'ibuye ry'umukara aravuga ati:

﴿...رَبَّنَا آتِنَا فِي الدُّنْيَا حَسَنَةً وَفِي الْآخِرَةِ حَسَنَةً وَقِنَا عَذَابَ النَّارِ﴾

Nyagasani wacu! Duhe ibyiza hano ku isi no ku muni w'imperuka (uzaduhe) ibyiza, kandi uzanaturinde ibihano by'umuriro. [Al Baqarat: 201]

Iyo asoje gukora umuzenguruko, asali raka ebyiri inyuma ya Maqam Ibrahim igihe bimworoheye; iyo bitamukundiye asalira ahandi yabona hose muri Al Masjidul Haram. Ni umugenzo mwiza ko kuri Raka ya mbere nyuma ya Suratul Fatihat asoma Suratul Al-Kafirun. Naho kuri Raka ya kabiri nyuma ya Suratul Fatihat agasoma Isura yitiriwe Kwiyegurira (Al Ikhlasw), Hanyuma yerekeza ku Al-Masaa`, akora umuzenguruko (Sa'ayi) hagati ya Swafa na Mar'wat inshuro zirindwi; kugenda kwe ni inshuro imwe, no kugaruka kwe ni indi nshuro.

Umuzenguruko (Sa'ayi) utangirira kuri Swafa,

akazamuka akagera hejuru yaho, cyangwa akahagarara aho; kandi kuzamuka kuri Swafa ni byiza kurushaho iyo bibaye byoroshye. Ubwo agasoma imvugo ya Allah igira iti:

﴿إِنَّ الْأَصْفَاءَ وَالْمُرُوءَةَ مِنْ شَعَائِرِ اللَّهِ...﴾

{Mu by'ukuri (imisozi ya) Swafa na Maruwa ni bimwe mu bimenyetso bya Allah...} [Surat Al Baqarat: 158].

Birakundwa ko yerekeraga Qiblat, agasingiza Allah, akanavugaga ati: ALLAHU AK'BAR, hanyuma akavugaga ati:

«لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ، وَاللَّهُ أَكْبَرُ، لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَحْدَهُ لَا شَرِيكَ لَهُ، لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ، يُحْيِي وَيُمِيتُ، وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ، لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَحْدَهُ، أُنْجَزَ وَعْدُهُ، وَنَصَرَ عَبْدَهُ، وَهَزَمَ الْأَحْزَابَ وَحْدَهُ».

LA ILAHA ILA LLAHU, WALLAHU AKBARU, LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, LAHUL MULKU WA LAHUL HAMDU, YUHYII WA YUMIITU, WA HUWA ALA KULI SHAY'IN QADIIR, LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU, AN'DJAZA WA'ADAHU, WA NASWARA ABDAHU, WA HAZAMAL AH'ZABA WAH'DAHU: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah isumba byose; ni we wenyine udafite uwo abangikanye nawe, niwe Nyir'ubwami n'ishimwe, itanga ubugingo kandi igatwara ubugingo, kandi niwe ufite ubushobozi kuri buri kintu. Nta yindi mana

ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah wenyine, yasohoje isezerano rye, atabara umugaragu we, ndetse anatsinda intambara y'udutsiko wenyine."¹ Hanyuma asabe yinginga Allah uko bimworoheye, azamura ibiganza bye mu kirere, kandi asubiremo aya magambo yo kumwibuka no kumusaba inshuro eshatu. Yarangiza akamanuka, akerekeza Mar'wat agenda, yagera ku kimenyetso cya mbere, umugabo akagenda atera intambwe yihuta, yagera ku kimenyetso cya kabiri, Naho ku mugore, ntibyemewe ko yihuta hagati y'ibimenyetso bibiri by'ibara ry'icyatsi kuko umubiri we ugomba gutwikirwa; ahubwo igiteganywa kuri we ni ukugenda bisanzwe mu rugendo rwose rwo hagati ya Swafa na Mar'wat. Hanyuma agenda, akazamuka Mar'wat cyangwa akahagarara kuri yo, kandi kuyizamukaho ni byo byiza iyo bishoboka. Avuga kandi akora kuri Mar'wat nk'uko yavugiye kandi yakoze kuri Swafa, usibye gusoma uwo murongo, ari ijamba rya Allah rigira riti:

﴿إِنَّ الصَّفَا وَالْمَرْوَةَ مِن شَعَائِرِ اللَّهِ...﴾

{Mu by'ukuri (imisozi ya) Swafa na Maruwa ni bimwe mu bimenyetso bya Allah...} Ibi biteganywa n'amategeko iyo azamuka kuri Swafa mu nshuro ya mbere gusa, Yarangiza akamanuka, akagenda ahabugenewe kugenda bisanzwe, kandi akagenda

¹ Yakiriwe na Muslim (1218).

yihuta atera intambwe ahabugenewe kwihuta, kugeza ageze kuri Swafa. Abikora gutyo inshuro zirindwi; kugenda kwe kubarwa nk'inshuro imwe, no kugaruka kwe ni indi nshuro. Birashimwa ko mu kuzenguruka kwe hagati ya Swafa na Mar'wat akagwiza gusingiza Allah no gusaba Allah uko bimworoheye. Kandi abe ari mu isuku akuyeho umwanda waba muto cyangwa se munini, n'ubwo yakora Sa'yi atari mu isuku (Twaharat), byaba byamuhagije. Bityo nanone, iyo umugore agiye mu mihango cyangwa akabona ibisanza nyuma yo gukora umuzenguruko kuri Al Ka'abat, akora Sa'ayi hagati ya Swafa na Maruwa, kandi ibyo biramuhagije; kuko kuba mu isuku (tahara) atari itegeko mu Sa'ayi, ahubwo ni ikintu gishimwa muri wo.

Iyo arangije kuzenguruka hagati ya Swafa na Mar'wat, akogosha umusatsi we wose cyangwa se akawugabanya, kandi kumaraho umusatsi wose nibyo byiza ku mugabo.

Bityo rero aba arangije imihango yose y'umutambagiro muto.

Umutambagiro mutagatifu:

A- Inkingi z'umutambagiro:

1- Kugira umugambi.

2) Igihagararo ahitwa Arafat.

3) Gukora umuzenguruko kuri Al Ka'abat wo mu bwoko bwa Ifadwat.

4- Gukora umuzenguruko (Sa'ayi).

B- Ibikorwa by'itegeko bikorwa mu mutambagiyo mutagatifu:

1- Kugira umugambi uhereye kuri Miqat.

2- Igihagararo ahitwa Arafat ku munsu wa cyenda w'ukwezi kwa Zul-Hijja kugeza izuba rirenze kuri uwahagaraye ku manywa.

3- Kumarayo ijoro i Muzdalifat ku ijoro ry'umunsu wa cumi wa Zulhijjat kugeza hagati y'ijoro.

4) Kurarara i hantu hitwa Mina mu majoro y'iminsi ya At-Tashriyq.

5- Gutera amabuye kuri Jamarat.

6 - Kogosha umusatsi wose cyangwa se kuwugabanya.

7) Gukora umuzenguruko kuri Al Ka'abat wo mu bwoko bwa Wadaa' wo gusezera.

Igisubizo: Uburyo umutambagiyo mutagatifu mukuru (Hidja) ukorwa:

Umusilamu, iyo ageze ahabugenewe (Miqaat) igihe kiba gike, agira umugambi w'umutambagiyo mutagatifu (Hija) wenyine (Ifrad), ari nako avuga ati: "ALLAHUMA LABAYKA HADJAN"; iyo ageze i Makat akora umuzenguruko (Tawaaf) akawukurikiza na Sa'ayi hagati ya Swafa na Maruwa, hanyuma akaguma mu Ihraam kugeza yerekeje Arafat ku munsu wa Arafat, ku munsu wa cyenda, akahaguma kugeza izuba rirenze.

Hanyuma akahava ajya Muzdalifa avuga

Talbiyya, agahaguma yo kugeza asaliye iswala ya mu gitondo; hanyuma akaguma yo yibuka Imana, akavuga Talbiyya kandi agasaba kugeza bucya bugacya,

Iyo bimaze gucya, ahita yerekeza i Mina mbere y'izuba kurasa, agatera Djamarat ya Aqaba utubuye turindwi, hanyuma akogosha umusatsi we wose cyangwa se akawugabanya, kandi kogosha akamaraho nibyo byiza kuruta kugabanya.

Nyuma y'aho akora Twawafu yitwa Twawafu Ifadwat, Saa'yi ya mbere iramuhagije; bityo Hidja ye iba irangiye, kandi akazirurirwa burundu buri kintu cyose yari abujijwe n'Ihram.

Hasigayeho igikorwa cyo gutera Djamarat ku muni wa cumi na rimwe n'uwa cumi na kabiri, niba yihutira gusohoka Mina; agatera utubuye kuri Djamarat eshatu, buri Djamarat imwe ayitera utubuye turindwi, na buri nshuro ateye akabuye avuga ijambo Allah Akbar; atangirira kuri Djamarat nto iri hafi ya Masjidul-Khayf, akimukira kuyo hagati, hanyuma Djamaratul-Aqaba ari yo ya nyuma; buri Djamarat imwe ayitera utubuye turindwi. N'iyi ashatse kwirindiriza nyuma y'umuni wa cumi na kabiri; ku muni wa cumi na gatatu atera amabuye kuri Djamarat nk'uko abitera ku muni wa cumi na kabiri no ku wa cumi na rimwe.

Igihe cyo gutera amabuye (Ar-Ramy): nyuma ya zawaali mu minsi itatu (Ayyamu Tashriiq).

Abaye ashatse kuva Mina ku munsu wa cumi na kabiri mbere y'izuba kurenga, nta kibazo; ariko abaye yagumye akageza ku munsu wa cumi na gatatu akatera amabuye izuba rirenze gato mu cya kabiri cy'isi, ibyo nibyo byiza kurushaho, kuko Allah Ta'ala yagize ati:

﴿...فَمَنْ تَعَجَّلَ فِي يَوْمَيْنِ فَلَا إِثْمَ عَلَيْهِ وَمَنْ تَأَخَّرَ فَلَا إِثْمَ عَلَيْهِ لِمَنِ اتَّقَى...﴾

Ariko uzagira ubwira akahamara iminsi ibiri, nta cyaha kuri we, n'uzatinda (kuva Mina) nta cyaha kuri we, kuri wa wundi utinye Allah.

[Qur'an 2: 203]

Iyo ashatse kujya mu rugendo; akora Tawaf yo gusezera inshuro zirindwi adakora Sa'i.

Icyiza kurushaho, iyo nta itungo ry'igitambo afite: ni uko afata umugambi w'UMRAT mu buryo bwa TAMATU'U; hanyuma ku munsu wa munani agafata umugambi w'HIJA, agakora ibyo bikorwa bya HIJA byasobanuwe mbere. Ariko n'ufata umugambi wa HIJA n'uwa UMRAT icyarimwe, nta cyo bitwaye; ibyo byitwa QIRAN, kandi ni ugufata umugambi w'UMRAT na HIJA hamwe, bikozwe ku muzenguruko umwe n'Sa'ayi imwe hagati ya Swafa na Maruwa.

Umutwe wa gatatu:

Ibijyanye n'imikoranire.

Abahanga mu by'idini (Allah Nyir'ubutagatifu abagirire imbabazi), bagaragaje ubumenyi bw'idini

umuntu wese ategetswe kwiga nk'inshingano imureba ku giti cyeye, Bakomoje ku ngano y'ubumenyi y'itegeko kuri buri muyisilamu kwiga. Bavugamo: Kwiga amategeko agenga kugura no kugurisha ku bakora ubucuruzi, Kugira ngo atagwa mu biziririjwe cyangwa Riba (inyongera ku nguzanyo) atabizi, Kandi mu byagaragaye kuri bamwe mu basangirangendo (Imana ibishimire) hari mo ibishyigikira ibyo.

Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) yaravuze ati: "Ntihazagire umuntu ucuruza mu isoko ryacu usibye uwabanje kwihugura mu idini."¹

Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) yaravuze ati: Uzacuruza atarabanza kwihugura mu mategeko y'idini (Fiqhi); azagwa muri Riba (inyungu zitemewe n'Amategeko ya Islam), hanyuma akongera akagwamo, hanyuma akongera akagwamo. Ni ukuvuga: azagwa muri Riba."²

Umumenyi Ibun Abidin, abivanye kuri Al Allami yaravuze ati: Umuntu wese yaba umugabo cyangwa umugore, urebwa n'amategeko nyuma yo kwiga ubumenyi bw'idini bumushoboza kuyoboka, ategetswe kwiga uburyo bw'isuku yo kwitegura isengesho, no gusali ndetse no gusiba, n'ubumenyi bw'ibijyanye n'amaturu ku muntu wujuje igipimo fatizo. N'umutambagiro mutagatiu ku muntu

¹ Yakiriwe na A-Tirmidhiy (487), kandi yavuze ati: Iyi Hadithi ni ((Hassan Gharib)). Na Al Albaniy yavuze ko ari ((Hassan)).

² Reba: Mughni Al-Muhtaj (2/22).

uyitegetswe, n'ubumenyi bw'iby'ubucuruzi ku mucuruzi, kugira ngo bibafashe kwirinda kugwa mu biteye urujijo n'ibindi bibi mu mikoranire. Ni nk'uko n'abakora indi myuga, n'ukora umwuga runaka ategetswe kubanza kuwiga no kumenya amategeko awugenga kugira ngo yirinde ibiziririjwe muri wo."¹

Umumenyi A-Nawawiy (Allah amugirire impuhwe) na we yaravuze ati: Naho ubucuruzi no gushyingiranwa n'ibisa nabyo, ubusanzwe bitari itegeko kubikora, ni ikizira ku byishoramo utabanje ibyo usabwa.²

Aya ni amwe mu mahame arebana n'imikoranire mu bijyanye n'umutungo, yazanwe n'amategeko y'idini ry'ubuyisilamu:

1- Kuba byemewe ko ibintu byose bifitemo umumaro wuzuye cyangwa uruta ibindi; nko kugurisha no kugura ibiziruye, gukodesha, n'ubufatanye mu bucuruzi (Shuf'at)³.

2- Buri kintu cyose kirimo kubungabunga uburenganzira bw'abantu no kuburinda; nk'ingwate n'ubutangabuhamya kiremewe.

3- Buri kintu cyose gifitiye inyungu abagiranye amasezerano; nko gusesa amasezerano (Al Iqalah),

¹ Haashiyat Ibnu Aabidiin (1/ 42).

² Reba: Al Majmu'u (1/ 50).

³ Naho ijambo (Shuf'at) ; Ni ubufatanye mu migabane abantu baba bafatanyije, umwe muri bo akaba yemerewe gusigarana umugabane w'undi ku ngurane y'igicro cyawo.

uburenganzira bwo guhitamo (Al Khiyar), n'ibindi bisabwa mu bucuruzi biremewe.

4- Buri kintu cyose kirimo kurenganya abantu, no kurya imitungo yabo mu buryo butemewe; nko kurya indonke (Riba), cyangwa se kwambura ku gahato, cyangwa se guhunika ibicuruzwa birabujijwe.

5- Buri kintu cyose kirimo gufatanya mu byiza; nko gutanga inguzanyo, gutiza ibintu byo gukoresha, no kubitsa ibintu ngo bibikirwe kiremewe.

6-Buri kintu cyose kirimo kurya umutungo utavunikiye, kidafite umumaro, utavunikiye; nk'urusimbi na Riba ni ikizira.

7- Kuziririza imikoranire n'ubucuruzi bwose bugaragaramo urujijo n'uburinganya nk'umunut kugurisha ibitari ibye, no kugurisha ibitazwi birabujijwe.

8- Kubuza ibintu byose birimo amayeri yo kugoreka ibiziririjwe; nko kugurisha ubucuruzi bwitwa Al Inat burabujijwe¹.

9- Kubuza ibituma umuntu arangara akava mu kumvira Imana; nko kugurisha nyuma y'umuhamagararo wa kabiri w'iswala yo ku muni wa gatanu (wa Idjuma).

¹ Ubucuruzi bwa Al Inat (Bay'u Al Inat): Ni ukuba umuntu yagurisha mugenzi we ikintu azamwishyura ikiguzi cyabyo nyuma, akakimuha maze nawe akakigurisha atarishyura ikiguzi cyacyo ku giciro gito akabona ikiguzi cyacyo cy'ako kanya.

10- Kuziririza ikintu cyose kirimo akaga cyangwa giteza intonganya hagati y'Abayisilamu; nko kugurisha ibibujijwe, no kugereka icyo mugenzi wawe amaze kwishyura.

Igihe umuyisilamu abonye ko kumenya itegeko ry'ikibazo runaka kimugoye, aba agomba kukibaza abamenyi; kandi ntakwiye kugifataho icyemezo keretse amaze kumenya itegeko ry'idini ribyerekeye. Nk'uko Allah Nyir'ubutagatifu agira ati:

﴿...فَاسْأَلُوا أَهْلَ الذِّكْرِ إِنْ كُنْتُمْ لَا تَعْلَمُونَ﴾

{Ngaho nimubaze abahawe ubumenyi (bw'ibitabo byo hambere) niba mutabizi}. [Qur'an 16: 43.]

Ibi nibyo Allah yanshoboje gukusanya, Allah niwe dusaba ko yaduha ubumenyi bufite umumaro no gukora ibikorwa byiza, niwe Nyir'ubuntu, Umugiraneza. Amahoro n'imigisha bya Allah nibisakare ku Ntumwa yacu Muhamadi n'ab'iwe n'abasangirangendo be.

Index

IBYO UMUYISILAMU ADAKWIYE KUYOBERWA.....	2
IRIBURIRO.....	2
Icyigwa cya mbere:.....	4
Ibyerekeye imyemerere n'imyizerere.	4
Igice cya mbere: Ibisobanuro by'ubuyisilamu n'inkingi zabwo.	4
Agaciro ko kwemera Imana imwe rukumbi:.....	4
Ibisobanuro by'ubuhamya bwa "LA ILAHA ILA LLAH":	6
Naho ibigomba kubahirizwa by'ijambo (LA ILAHA ILA LLAH) ni ibi bikurikira:	7
IGISOBANURO CY'UBUHAMYA BW'UKO MUHAMADI ARI INTUMWA YA ALLAH:	9
Igice cya kabiri: Igisobanuro cy'Ukwemera n'inkingi zakwo:	11
1) Kwemera Allah Nyir'ubutagatifu hakubiyemo ibintu bitatu:	12
1- Kwemera Rububiyat ya Allah Nyir'ubutagatifu:	12
2) Kwemera ko Allah Nyir'ubutagatifu ari we wenyine wo kugaragirwa (Tawhiid al Uluhiyat):	14
3- Kwemera amazina n'ibisingizo by'Allah:	17
2) Kwemera abamalayika:	25
3) Kwemera ibitabo:	27
4) Kwemera Intumwa (amahoro ababeho):	28
5) Kwemera umunsi w'imperuka:	29
A- Kwemera izuka:.....	29
B- Kwemera ibarura n'ingororano:.....	30
Igisubizo: Ni ukwemera ijuru n'umuriro:.....	30
6) Kwemera igeno ry'ikiza n'ikibi ko biva ku Mana:	30

Igice cya gatatu: Gukora neza (Ih'saan):	32
Igice cya kane: Incamake ngufi y'amahame shingiro y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bakanaba hamwe n'imbaga y'abayisilamu:	33
igika cya kabiri: ibirebana n'ibikorwa byo kugaragira Allah	35
Igice cya mbere: Isuku (Twaharat).	35
Irya mbere: Amoko y'amazi.....	35
Icya kabiri: Imyanda:	36
Icya gatatu: Ibyo birazira ku muntu udafite isuku yo gusenga kubikora:.....	39
ICYA KANE: IMYIFATIRE YO KUJYA MU BWIHERERO: ..	41
ICYA GATANU: AMATEGEKO YO KWISUKUZA AMAZI NO KWISUKUZA IBITARI AMAZI IGIHE UMAZE KWIHAGARIKA NO KWITUMA.	42
Icya gatandatu: Amategeko y'Udhu:	43
Icya karindwi: Amategeko agenga guhanagura Khofu n'amasogisi:	46
Icya munani: Amategeko abigenga Tayamum.	48
Icya cyenda: amategeko y'imihango n'ibisanza.....	51
Icya kabiri: Iswala:	53
Icya mbere: Amategeko ajyanye n'umuhamagaro umenyeshya ko igihe cy'iswala cyageze (Adhana) n'umenyeshya ko iswala igiye gutangira gukorwa (Iqamat):.....	53
Icya kabiri: Umwanya w'Iswala n'agaciro k'iswala:	57
ICYA GATATU: Amabwiriza y'Iswalat:.....	59
Icya kane: Inkingi z'iswalat:	61
Icya gatanu: Ibyangombwa mu Iswalat.....	66
Icya gatandatu: Imigenzo myiza ikorwa mu Iswalat:.....	68
Icya karindwi: Uko Iswala ikorwa:	71
Icya munani: Ibintu bidakwiye mu Iswala:.....	77

Icya cyenda: Ibyangiza iswala:	78
Icya cumi: Kubama bikorwa iyo umuntu hari icyo yibagiwe mu iswalat.	79
Icya cumi na rimwe: Ibihe bibujijwe gukoramo Iswalat.	81
Icya cumi na kabiri: Iswala ikorewe mu mbaga:	82
Icya cumi na gatatu: Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba:	85
Uburyo Iswalat ikorwa mu gihe cy'ubwoba:	86
Icya cumi na kane: Iswalat yo ku munsu wa gatanu (Al Djumu'at):.....	87
Icya gatanu: Ibikorwa byiza (amategeko adushishikariza) ku munsu wa Idjuma:	90
Kugera kuri Iswala y'imbaga yo ku munsu wa gatanu (Idjuma):	91
15- Iswalat ikorwa n'abantu bafite impamvu zituma badasali uko bikwiye:.....	91
Icya cumi na gatandatu: Iswalat yo ku minsi mikuru ibiri (irayidi):	95
Icya cumi na karindwi: Iswalat y'igihe habaye ubwirakabiri bw'izuba (Al Kusuf):.....	99
18- Iswalat yo gusaba imvura (mu bihe by'amapfa):....	101
Icya cumi na cyenda: Amategeko ajyanye n'ibikorera uwapfuye:.....	103
IGICE CYA GATATU: AMATURO:	107
1- Sobanuro ry'ituro ry'itegeko n'umwanya rifite:	107
2- Amabwiriza agenda itegeko ryo gutanga amaturu: .	108
3- Imitungo igomba gutangwaho amaturu y'itegeko:...	109
Igice cya kane: IGISIBO:.....	122
Impamvu zituma igisibo cya Ramadhan kiba itegeko: .	123
Umutwe wa gatanu: Umutambagiro mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat).	132

Ibituma umutambagiro mukuru (Hidja) n'umuto (Umrat) iba itegeko:.....	133
Aho abantu bagirira umugambi wo gutangira igikorwa cy'umutambagiro mutagatifu mukuru n'umuto, n'ibihe byagenwemo gutangira icyo gikorwa:.....	135
Kugira umugambi wo gukora umutambagiro mutagatifu mukuru cyangwa se umuto:	138
Umutambagiro muto (Umrat):.....	143
Umutambagiro mutagatifu:	148
Umutwe wa gatatu:	151
Ibijyanye n'imikoranire	151





رسالة الحجرتين

Message of The Two Holy Mosques

Guidance content for the visitors of the Holy Mosque and the Prophet's Mosque in languages.

